

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO**  
UBUTORE DEVELOPMENT CENTRE

**IMFASHANYIGISHO YO GUTOZA  
IMIKORERE Y'ITORERO**

Kamena 2014



**INDANGAGACIRO REMEZO**

- 1. UBUNYARWANDA**
  - 2. GUKUNDA IGIHUGU**
  - 3. UBUNYANGAMUGAYO**
  - 4. UBUTWARI**
  - 5. UBWITANGE**
  - 6. GUKUNDA UMURIMO NO  
KUWUNOZA**
  - 7. KWIHESHA AGACIRO**
-



**ISHAKIRO**

<b>INDANGAGACIRO REMEZO .....</b>	<b>3</b>
<b>ISHAKIRO .....</b>	<b>5</b>
<b>IJAMBO RY'IBANZE .....</b>	<b>9</b>
<b>INTANGIRIRO .....</b>	<b>11</b>
<b>I. INSHINGANO, ICYEREKEZO N'IMIKORERE BY'ITORERO RY'IGIHUGU .....</b>	<b>12</b>
I.1 INTEGO Y'IKIGANIRO .....	12
I.2 IBISOBANURO BY'AMAGAMBO .....	12
I.3 AMATEKA Y'TTORERO MU RWANDA.....	13
I.4 INTEGO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'TTORERO.....	17
I.5 INSHINGANO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU.....	17
I.6 IBYO INTORE ZITOWA N'AHU ZITOREZWA.....	18
I.7 Inzego z'ubuyobozi za NIC .....	19
<b>II. IMIKORERE N'IMIKORANIRE Y'INZEGO Z'ITORERO N'IMIKORERE Y'INTORE .....</b>	<b>22</b>
II. 1 Intego:.....	22
II.2 Ibisobanuro by'amagambo.....	22
II.3 Imyitwarire ya gitore .....	23
II.4 Indangagaciro z'ibanze ku Ntore.....	23
II.5 Kugorora Intore.....	24
II.6 Gutoranya abatoza.....	24
II.7 Gutoza Intore.....	25
II.8 Uruhare rw'Intore mu guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere.....	26

II.9 Imihigo y'Intore.....	26
II.10 Uruhare mu gutegura imihigo y'urwego rw'ubuyobozi .....	27
II. 11 Ukwezi kw'indangagaciro.....	27
II.12 Igihe igitaramo cy'Intore kibera.....	28
II.13 Icyumba cy'indashyikirwa.....	28
II.14 INZEGO Z'INTORE, INSHINGANO ZABO N'ABAZIGIZE .....	29
II.15 Inzego z'Intore.....	31
II.16 Inshingano z'inteko y'Intore ku Mudugudu.....	31
II.17 Inshingano z'inteko y'Intore ku Kagari.....	31
II.18 Imiterere y'Inteko y'Intore ku rwego rw'Akagari.....	32
II 19 KOMITE MPUZABIKORWA.....	32
II.20 ABARINZI B'INDANGAGACIRO.....	36
II.21 Itorero ryo mu mashuri.....	40
II.22 Itorero ryo ku rugerero.....	47
II.23 Itorero mu nzego z'imirimo.....	47
II.24 Itorero ryo mu bigo byabugenewe.....	48
II.25 IMIKORERE Y'INZEGO Z'INTORE.....	60
II.26 Ibyitabwaho mu gutora komite mpuzabikorwa na komite y'abarinzi b'indangagaciro.....	62
II.27 Manda y'inzego z'Intore.....	62
II.28 IMIKORANIRE YA KOMISIYO Y'ITORERO N'IZINDI NZEGO.....	62

<b>III. IMITUNGANYIRIZE N’IMITEGURIRE Y’UKWEZI KW’INDANGAGACIRO N’IGITARAMO CY’INTORE MU KWIMAKAZA UMUCO W’UBUTORE NO KWIHUTISHA ITERAMBERE .....</b>	<b>65</b>
III.1 Intangiriro.....	65
III.2 Intego.....	65
III.3 Ibikubiye mu kiganiro.....	65
<b>IV. IMIKORERE Y’INTORE ZO KU RUGERERO .....</b>	<b>77</b>
IV.1 INTEGO Y’ ISOMO.....	77
IV.2 INGINGO Z’ INGENZI MU KIGANIRO:.....	77
IV.3 Ubusobanuro bw’ amagambo.....	77
IV.4 Urugerero mu muryango nyarwanda.....	77
IV.5 Intego y’urugerero.....	78
IV.6 Abajya ku rugerero.....	78
IV.7 Ibikorwa ku rugerero.....	80
IV.8 Igitabo cy’urugerero.....	80
IV.10 Ubuyobozi butorwa mu Ntore zo ku Rugerero ubwazo n’inshingano zazo.....	82
IV.11 Ibiranga Intore yagiye ku rugerero.....	83
IV.12 Umusaruro igihugu gikesha urugerero.....	86
<b>V. IMITUNGANYIRIZE Y’UBWITANGE N’URUHARE RWA BWO MU KUBAKA UMUCO W’UBUTORE NO KWIHUTISHA ITERAMBERE RY’IGIHUGU .....</b>	<b>88</b>
V.1 Intangiriro.....	88
V.2 Intego.....	88
V.3 Ibisobanuro by’amagambo.....	91

V.4 Ubwitange mu Rwanda rwo hambere.....	93
V.5 Intego y'Ubwitange mu Rwanda rwa none.....	93
V.6 Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukorera ubwitange.....	97
V.7 Uko urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Igihugu rubisaba.....	98
V.8 Ibikorwamo ubwitange .....	101
V.9 Abakora ibikorwa by'ubwitange abo aribo.....	101
V.10 Igihe gukorera ubwitange bimara.....	102
V.11 Amasezerano yo gukorera ubwitange .....	102
V.12 Inshingano z'ukorera ubwitange.....	103
V.13 Uburenganzira bw'ukorera ubwitange.....	103
V.14 Imikoranire ya NIC n'inzege za Leta zifite abakorera ubwitange .....	104
V.15 Imikoranire ya NIC n'imiryango nyarwanda itari iya Leta ifite abakorera ubwitange.....	105
V.16 Imikoranire ya NIC n'imiryango mvamahanga itari iya Leta ifite abakorera ubwitange.....	105
V.17 Imikoranire ya NIC n'umuryango ushamikiye ku idini ufitte abakorera ubwitange.....	106
V.18 Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'ubwitange.....	107

**VI. IMITERERE N'IMITUNGANYIRIZE Y'ICYUMBA  
CY'INDASHYIKIRWA N'URUHARE RWACYO MU  
KWIMAKAZA UMUCO W'UBUTORE .....110**

VI.1 Iriburiro.....	110
V.2 Intego .....	110
VI.3 Ibikubuye mu kiganiro.....	110

## **IJAMBO RY'IBANZE**

Hashingiwe ku Itegeko **n°41/2011** ryo ku wa **16** Kamena **2013** rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, mu ngingo yaryo ya 6, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite intego rusange yo **kubaka umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo ufite n'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore.**

Mu ngingo 7, agace ka 3, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite inshingano yo gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu,

Kugira ngo Komisiyo ishobore gutoza banyarwanda mu byiciro bitandukanye yafashe gahunda yo gutoza ku Mudugudu, mu Mashuri, ku Rugerero no mu Nzego z'Imirimo.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itoza Abanyarwanda indangagaciro remezo zikurikira:

- 1. Ubunyarwanda**
- 2. Gukunda Igihugu**
- 3. Ubunyangamugayo**
- 4. Ubutwari**
- 5. Ubwitange**
- 6. Gukunda umurimo no kuwunoza**
- 7. Kwihesha Agaciro**

Izi ndangagaciro remezo **7** zishamikiyeho izindi ndangagaciro z'umuco nyarwanda zitandukanye.

Ni muri urwo rwego Abatoza b'Intore bavuye mu nzego zitandukanye bateguye imfashanyigisho kuri buri ndangagaciro kugira ngo zifashishwe mu gutoza Abanyarwanda mu byiciro

bitandukanye.

Hateguwe kandi imfashanyigisho kuri gahunda zikurikira:


**1. icyerekezo 2020**

**2. Imikorere y’Itorerero**

**3. Gahunda y’imitoreze**

Kugirango Abatoza b’Intore babashe gutoza ibyiciro bitandukanye by’Abanyarwanda badasobanya, hateguwe **Inyoborabatoza** izabafasha kugera ku ntego n’umusaruro dutegereje.

Komisiyo y’Igihugu y’Itorerero irashimira Abatoza bagize uruhare mu gutegura izi mfashanyigisho ikanashimira by’umwihariko uruhare rwa buri Ntore mu gutoza izi ndangagaciro.

  
**RUCAGU Boniface**  
**Perezida wa Komisiyo y’Igihugu y’Itorerero**



## INTANGIRIRO

Leta y'u Rwanda mu cyerekezo cy'iterambere yafashe, yiyemeje guha agaciro umuco nyarwanda urangwamo indangagaciro zifasha buri Munyarwanda kuzamura imyumvire, kugira ubushobozi bwo gusesengura ibibazo ahura na byo ku giti cye n'ibyugarije umuryango n'Igihugu muri rusange kugira ngo abibonere ibisubizo bihamye kandi birambye.

Ibyo bigaragarira mu irangashingiro (n°8) ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryemejwe muri 2003 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu, hagaragaza ko Abanyarwanda «babona ari ngombwa gushaka mu mateka amaze imyaka amagana, imigenzereze myiza yarangaga abakurambere bacu igashingirwaho kugira ngo Igihugu kibashe kubaho no kugira ubwisanzure», kigire Abanyarwanda b'Intore zifite imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere.

Ni muri urwo rwego, hashyizweho Itegeko n° **41/2013** ryo ku wa **16/06/2013** rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

### **INTEGO RUSANGE**

Nyuma y'iri somo, umutozwa azaba asobanukiwe intego rusange n'inshingano bya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'uburyo itoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore.

## I. INSHINGANO, ICYEREKEZO N'IMIKORERE BY'ITORERO RY'IGIHUGU

### 1.1 INTEGO Y'IKIGANIRO

Nyuma y'isomo, Intore zizaba zisobanukiwe n'Intego rusange ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, Inshingano n'Imikorere byayo.

### 1.2 IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

**Itorero:** Urubuga rutorezwamo Abanyarwanda kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere.

**Intore:** Umuntu watojwe kandi wimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda

**Indangagaciro z'umuco Nyarwanda:** Imyumvire, imitekerereze, imyifatire n'imigirire iranga abenegihugu (Abanyarwanda) bemera kandi barata bibahesha agaciro, bifuzwa ko byahora bibaranga bikanabitirirwa uko ibihe biha ibindi, bityo bikaba amahame y'uburere atozwa abana b'umuryango runaka.

**Indangagaciro:** imigenzo myiza y'imbonezabupfura abanyarwanda bagombaga kubahiriza kugira ngo babashe kubahana kubana neza, gusobeka ubumwe nabwo bukabahesha amahoro. Ibyo byose bikabahesha ishema, icyubahiro n'igitinyiro.

**Kirazira z'umuco Nyarwanda:** Indangagaciro ishinzwe gukumira no kurinda ingeso mbi ngo zidatokoza izindi ndangagaciro zikazitera ubusembwa. Abanyarwanda bagombaga kwirinda ikibi cyose, ingeso mbi zose, imico mibi yose kugira ngo babashe kubahana, kubana neza no gusobeka ubumwe bwabo.

### **1.3 AMATEKA Y'ITORERO MU RWANDA**

U Rwanda kimwe n'ibindi bihugu byo ku isi rufite amateka rwihariye. Kuva rwabaho rwitwa u Rwanda rwa Gasabo, rwagiye rwiubaka haba mu kwagura imbibi zarwo, haba mu kunoza imiyoborere ndetse no gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda.

#### **1.3.1. Mbere y'ubukoloni**

Mbere y'umwaduko w'Abakoloni Itorero ry'Igihugu ryari IRERERO ry'Igihugu, rikarera Abanyarwanda rikabubakamo imico myiza (**ari yo twita Indangagaciro**) yatumaga bashobora kubahana, kubana neza, kubana mu mahoro no gusobeka ubumwe bwabo nka bene mugabo umwe, nk'abava inda imwe, nka bene Kanyarwanda. Itorero ryareraga kandi abazayobora Igihugu kugira ngo bazayobore neza, ngo bazajye batoza abo bayobora imico myiza, bakabatoza **Indangagaciro** na **Kirazira** by'umuco nyarwanda.

Gutozwa k'umunyarwanda byaheraga mu muryango mu mirerere ya buri munsu kuva umwana avuka, agakura, akaba ingimbi cyangwa umwangavu. Kuri icyo kigero (imyaka 13-14), abahungu ni bo baganaga Itorero, abakobwa bagakomeza uburere mu Rubohero.

Akenshi buri **Torero** ryabaga rigizwe n'abantu bari mu kigero kimwe kandi Itorero ryose rikagira izina ryaryo. Itorero ryagiraga kandi ibyiciro bitandukanye, buri cyiciro kikagira izina.

Itorero ntiravanguraga ryatozaga abanyarwanda bose.

Abanyamahanga babaga bafashwe bunyago na bo bashoboraga kujya mu itorero, bakwitwara neza bakaba Intore, bakaba banagabirwa imisozi.

## **Ibyatozwaga Abanyarwanda mu Itorero**

Abagiye mu Itorero batozwaga Indangagaciro na Kirazira z'umuco nyarwanda. Twavugamo zimwe muri zo:

- Ubumwe
- Ubutwari
- Ubumuntu n'Ubunyarwanda
- Gukunda Igihugu
- Ubwitange
- Kugira Urukundo
- Ubworoherane
- Kwanga Umugayo
- Kwiyoroshya
- Kwicisha bugufi
- Kuvugisha ukuri
- Ubupfura
- Kubaha ubuzima
- Kudacogora
- Ubushishozi
- Kubaha no kumvira
- Gukunda umurimo
- Kubana neza na bose nta vangura
- Ishema n'Ishyaka.

Batozwaga kandi kurengera Igihugu, imyitozo ngororangingo, umuco wo gutarama no guhiga.

Intore nizo zavagamo abaturage bafite uburere bwiza, n'umico myiza, zikavamo Ingabo z'Igihugu n'abayobozi b'imisozi hakurikijwe ubushobozi buri wese yagaragaje mu Itorero.

Ibyo Abanyarwanda batozwaga byabarangaga mu buzima bwabo bwa buri muni kandi ubushobozi bagaragaje bugashingirwaho mu guhabwa inshingano mu muryango ndetse no mu gihugu.

Abantu bemezaga ko umuntu wabaga ataranyuze mu Itorero yabaga afite byinshi atandukaniyeho n'Intore, cyane cyane mu rwego rw'imyumvire, imitekerereze, imyifatire, imyitwarire, imivugire, imigenzereze, ikinyabupfura, kuvuga neza, kwitwara neza, kwitwararika no kumenya uko yitwara imbere y'abamuruta, abo bangana n'abo aruta.

### **1.3.2 Mu gihe cy'ubukoloni no mu gihe cya Repubulika ya mbere n'iya kabiri**

Mu gihe cy'ubukoloni, inkingi nyinshi z'ubuzima bw'Igihugu harimo n'Itorero zarashenywe.

Abakoloni bagera mu Rwanda basanze Abanyarwanda badapfa kuvugirwamo, basanga u Rwanda rudapfa kuvogerwa, rudapfa kwisukirwa.

Abakoloni basanze kutavogerwa ari kimwe mu by'ingenzi Abanyarwanda bakeshaga Itorero ry'Igihugu.

Abakoloni rero babonye ko ntacyo bakora batabanje gusenywa intwari ikomeye y'Abanyarwanda ngo babone uko bikorera ibyo bishakiye, nibwo bashenye Itorero ry'Igihugu.

Muri **1924** nibwo Itorero rya nyuma ryavanyweho risimbuzwa amashuri atigisha imico myiza, Indangagaciro na Kirazira z'umuco nyarwanda.

Itorero ryavuye ku nshingano zaryo nk'Irerero ryatozaga Abanyarwanda imico myiza y'Indangagaciro na Kirazira kuko abakoloni bari babigambiriye, maze rihindurwa iryo gutaramira rubanda n'abayobozi.

Abanyarwanda babura ukomeza kubatoza imico myiza, ahubwo batowza amacakubiri y'ingengabitekerezo ibaganisha kuri jenocide yakorewe abatutsi muri 1994 isiga ingaruka zikomeye ku muryango nyarwanda. **Jenoside** yakorewe abatutsi muri 1994 yabaye agahomamunwa ku isi kuko mu mezi atatu gusa yari imaze guhitana inzirakarengane zirenga miliyoni imwe kandi ari Abanyarwanda bayikoreye abandi banyarwanda.

Ingabo zari iza F.P.R Inkotanyi zimaze guhagarika **Jenoside** hashyizweho Leta y'**Ubumwe** bw'Abanyarwanda.

### **I.3.3 Igihe cya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda**

Letay'Ubumwe bw'Abanyarwanda yakomeje guharanira icyatuma Igihugu cyongera kwiyubaka, yasanze kuba Abanyarwanda barubahutse gukora **IKIBI**, ari uko Abanyarwanda babuze ubaha **uburere bubatoza indangagaciro** na **Kirazira**, barabuze **ubatongera** umuco wo kwanga **IKIBI** no gukunda **ICYIZA**.

Kuwa **12-11-2007** ni bwo inama y'abaminisitiri yafashe icyemezo cyo gusubizaho **Itorero ry'Igihugu**, maze kuwa **16-11-2007** Perezida wa Repubulika Nyakubahwa Paul Kagame atangiza **ITORERO RY'IGIHUGU** ku mugaragaro, imbere y'imitwe yombi y'Inteko Ishinga amategeko.

Mu kuritangiza yabwiye abanyarwanda ati: „Twaje gutangiza gahunda **y'Itorero ry'Igihugu** nk'uburyo twihariye kandi bukomoka ku muco nyarwanda. “

Akomeza agira ati: „**Itorero ry'Igihugu** ryari ishuri ryo gutoza no kwigisha abanyarwanda gukunda Igihugu, kukiyobora neza, guharanira ubutwari, kwanga ubuhemu, gufatanya gukemura

ibibazo, no kwirinda ubutsimbanyi, n'ibindi n'ibindi... “

Kugira ngo Itorerero ry'Igihugu rigere ku nshingano zaryo, hashyizweho Komisiyo y'Igihugu y'Itorerero nk'urwego rushinzwe imitunganyirize yaryo.

Itegeko n° **41/2013** ryo ku wa **16/06/2013** rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorerero NIC mu magambo ahinnye, rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

#### **I.4 INTEGO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO**

Komisiyo y'Igihugu y'Itorerero ifite intego rusange yo **kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ufite indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda kandi ufite umuco w'Ubutore.**

#### **I.5 INSHINGANO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO**

Komisiyo y'Igihugu y'Itorerero ifite inshingano zikurikira:

1° Gutoza Abanyarwanda:

- a) kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere;
- b) kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho;
- c) kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro;
- d) kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza;
- e) kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu;
- f) kugira umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kwivuga ibigwi

2° Gutoza abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira

ishyaka ryo kuba indashyikirwa;

3° Gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n’iterambere ry’Igihugu;

4° Gukorana no kugisha inama izindi nzego za Leta, izigenga n’imiryango itari iya Leta bitanga inyigisho ku ndangagaciro na kirazira;

5° Gutegura no gukurikirana ibikorwa bya gahunda y’urugerero mu gihugu ;

6° Gukora ibindi NIC yabona ko ari ngombwa biri mu nshingano zayo.

## **I.6 IBYO INTORE ZITOWA N’AHO ZITOREZWA**

### **1.6.1 Ibitowwa Intore**

Intore zitowwa amasomo y’ingenzi akubiye mu nkingi zikurikira:

- a. Indangagaciro z’umuco nyarwanda;
- b. Amateka y’u Rwanda;
- c. Politike n’iterambere by’u Rwanda;
- d. Ubwirinzi bw’ibanze n’umuco w’ubwitange
- e. Imyumvire y’isi n’imihindagurikire yayo

### **1.6.2 Aho Intore zitorezwa**

Kugira ngo Itorero ry’Igihugu rigere ku nshingano zaryo, ritoreza mu nzego zikurikira:

- a. Mu Midugudu,
- b. Mu Mashuri,
- c. Ku rugerero
- d. Mu nzego z’imirimo

## **1.7 INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA NIC**

### **1.7.1 Inama y'Abakomiseri**

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa NIC. Igizwe n'Abakomiseri batanu (5) bakora ku buryo buhoraho mu gihe cya manda yabo. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) mu Bakomiseri bagomba kuba ari abagore.

Inama y'Abakomiseri ifite inshingano zikurikira:

- 1° kwemeza ibyiciro by'itorero bigomba gutozwa;
- 2° kwemeza gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire bya NIC;
- 3° kwemeza buri mwaka gahunda y'ibikorwa bya NIC;
- 4° kwemeza umushinga w'amategeko ngengamikorere ya NIC;
- 5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NIC;
- 6° gutegura urutonde rw'inzego z'imirimo za NIC;
- 7° kwemeza raporo y'imirimo ya NIC;
- 8° kugena ibyo abari ku rugerero bagenerwa;
- 9° kugena icyiciro cy'abajya ku rugerero n'igihe bamarayo;
- 10° kugena imirimo izakorerwa ku rugerero n'aho izakorerwa hakurikijwe ibyo Igihugu gikeneye;
- 11° gufata ibyemezo ku bindi bibazo byose bifitanye isano n'inshingano za NIC.

### **1.7.2 Ubunyamabanga Bukuru**

Ubunyamabanga Bukuru bugizwe n'Umunyamabanga Mukuru n'abakozi. Ubunyamabanga Bukuru buyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru.

## **Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru**

Umunyamabanga Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° kuyobora abakozi b'Ubunyamabanga Bukuru;
- 2° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NIC;
- 3° gucunga ingengo y'imari n'umutungo bya NIC;
- 4° gutegura gahunda na raporo y'ibikorwa bya NIC;
- 5° kubika inyandiko n'ibitabo bya NIC;
- 6° gutegura imbanzirizamushinga y'itegeko ngengamikorere;
- 7° gutegura inyandiko zinyuranye zikoreshwa mu nama y'Inama y'Abakomiseri;
- 8° kuba Umwanditsi w'inama y'Inama y'Abakomiseri;
- 9° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za NIC.

## **Umwanzuro**

Itorero ry'Igihugu ryari irerero ryatozaga Abanyarwanda kuba abenegihugu nyabo barangwa n'indangagaciro na kirazira. Gusenywa kw'Itorero byagize ingaruka ku mibanire y'Abanyarwanda n'imiyoborere y'Igihugu. Itorero ry'Igihugu ryongeye kubakwa kugira ngo rivome mu muco nyarwanda ibyiza biwuranga, bityo impinduka Igihugu kifuzza zigerweho ku buryo bwihuse.

Tugane Itorero ry'Igihugu, dutozwe, dutoze, twubake urwatubyaye.

Ref:

1. Itegeko n° 41/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byaryo, Official gazette No 29 of 22.07.2013
2. Amabwiriza ya Perezida wa NIC No 01/2013 yo ku wa 12/11/213 agenga imikorere y'Intore n'uruhare rwazo muri gahunda yo guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere.
3. Ibiganiro shingiro by'Itorero ry'Igihugu, Mutarama 2012

### **Imigani**

1. Utaganiriye na Se ntamenya icyo Sekuru yasize avuze
2. Utazi ubwenge ashima ubwe
3. Uburere buruta ubuvuke
4. Utazi umukungu yima umwana

## II. IMIKORERE N'IMIKORANIRE Y'INZEGO Z'ITORERO N'IMIKORERE Y'INTORE

### **II. 1 Intego**

Nyuma y'isomo abatozwa bazaba basobanukiwe n' aho intore zitorezwa, imiyoborere, imihigo n' imikorere y'inzego z'Intore :

### **II.2 Ibisobanuro by'amagambo**

- a. Umutoza:** Intore irobanurwa mu zindi hashingiwe ku mucu w'Ubutore uyiranga, ubumenyi bwihariye igaragaza, ubunararibonye cyangwa ibikorwa by'indashyikirwa yagezeho; igashingwa kubitoza izindi.
- b. Umurinzi w'Indangagaciro:** Intore irobanurwa mu zindi hashingiwe ku mucu w'Ubutore uyiranga, ubunararibonye cyangwa ibikorwa by'indashyikirwa yagezeho; igashingwa kurinda indangagaciro z'umuco nyarwanda.
- c. Intore yo ku mukondo:** Intore iyobora izindi ku rugerero.
- d. Intore yo ku ruhembe:** Intore yungirije Intore yo ku mukondo.
- e. Intore y'indashyikirwa:** Intore yatoranyijwe mu zindi kubera ibigwi izirusha.
- f. Igicumbi cy'Itorero:** Ahantu hemejwe n'Intore kuja ziteranira, zitaramira, zitorezwa, zinakorera ibikorwa byimakaza umuco w'Ubutore.
- g. Ikgwari:** Umuntu wananiwe kwesa imihigo y'Intore yahigiye imbere y'abandi; kubera impamvu zimuturutseho.

- h. Umuvuzi w'amacumu:** Umutoza w'Intore ushinzwe guhamya ibigwi byagezweho n'Intore mu gushyira mu bikorwa imihigo; mu gitaramo cy'Intore.
- i. Icyumba cy'indashyikirwa:** Icyumba cyagenewe gushyirwamo amafoto, amajwi, inyandiko bigaragaza ibigwi by'Intore z'indashyikirwa.
- j. Intore mu muryango:** Gahunda igamije kwimakaza umuco w'ubutore mu muryango wo shingiro ry'ubutore mu gihugu
- k. Intore mu zindi:** Umuhango utegurwa n'Intore wo kwakira Intore zivuye gutozwa, zose zikamurika ibigwi n'imihigo byazo kandi zikiyemeza gukomeza gufatanya mu kwesa imihigo.
- l. Ukwezi kw'Indangagaciro:** Ukwezi Intore zivuga ibigwi by'umwaka urangiye zimurika imihigo y'umwaka ukurikiyeho mu kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore mu Banyarwanda hagatoranywa indashyikirwa zikanamurikirwa inzego zibakuriye.
- m. Igitaramo cy'Intore:** Umuhango Inteko y'Intore ikorera mu ruhame aho abavuzi b'amacumu b'urwo rwego bamurika ibigwi n'imihigo byabo bigakorerwa imbere y'umutoza mukuru w'urwo rwego. (open day)

## **II. 3 Imyitwarire ya gitore**

Buri Ntore yatojwe igomba guhora izirikana kudatitira igihango yagiranye n'izindi Ntore mu kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore biranga uwahawe iryo zina.

### **II.4 Indangagaciro z'ibanze ku Ntore**

1. Ubunyarwanda
2. Gukunda Igihugu

3. Ubunyangamugayo
4. Ubutwari
5. Ubwitange
6. Gukunda umurimo no kuwunoza
7. Kwihesha agaciro

## **II.5 Kugorora Intore**

Iyo Intore yakosheje igororwa mu buryo bukurikira:

- a. Gukeburwa
- b. Kugiwra inama
- c. Gucyahwa
- d. N'ubundi buryo bwagenwa n'Inteko y'Intore

## **II.6 Gutoranya abatoza**

Umutoza w'Intore atoranywa mu zindi Ntore hashingiwe ku mucu w'Ubutore umuranga, ubumenyi bwihariye agaragaza, ubunararibonye cyangwa ibikorwa by'indashyikirwa yagezeho, agatoranywa kujya atoza abandi.

### **a. Ibiranga Umutoza**

Mu buzima bwa buri munsu umutoza arangwa n'ibi bikurikira:

1. Kuba umusemburo w'impinduka nziza zose mu myumvire, mu mitekerereze, mu myifatire, mu myitwarire no mu mikorere hagamijwe kwihutisha iterambere himakazwa kandi indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda;
2. Kuba intangarugero mu cyerekezo na gahunda za Leta;
3. Gutoza abandi guhora bisuzuma buri gihe ngo bamenye aho bageze bafate n'ingamba zo gukosora ibitaragenze neza maze babone uko bongera umuvuduko;

4. Gutoza abandi guhora bagira ishyaka ryo kurata ibigwi n'ishema by'u Rwanda n'Abanyarwanda ahereye mu Mudugudu atuyemo.

### **b. Amahugurwa y'abatoza**

Umutoza w'Intore ahora yihugura kandi afite inyota yo kuvumbura ibishya ageza kubo atozwa.

Abatoza b'Intore ba buri rwego bahugurwa n'urwego rwisumbuye ku rwo bariho, rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Amahugurwa ashobora kuba ay'igihe kigufi cyangwa ay'igihe kirekire.

### **II.7 Gutoza Intore**

Intore zitozwa hakurikijwe ikigero cy'abatozwa n'icyiciro barimo. Gutoza Intore bikorwa hagamijwe gutoza Abanyarwanda ibi bikurikira:

1. kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere;
2. kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho;
3. kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro;
4. kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza;
5. kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu;
6. kugira umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kwivuga ibigwi;
7. gutoza abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira ishyaka ryo kuba indashyikirwa.

Gutoza Intore bikorerwa mu Itorero ryo mu Mudugudu, mu mashuri mu nzego z'imirimo, mu bigo byabugenewe, ku rugerero n'ahandi Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yagena bigasozwa n'igitaramo cy'imihigo.

## ***II.8 Uruhare rw'Intore mu guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere***

Kugira ngo intore zishobore kugira uruhare mu guhindura imyumvire y'abandi banyarwanda intore zikorera ku mihigo bityo “***intore zikaba nkore neza bandebereho***”.

Mu mikorere y'intore ni ngombwa kugira umuyoboro zicishamo ubutumwa bwazo kugira ngo bugere ku banyarwanda bubakangurira kugera ku iterambere. Imwe mu miyoboro intore zifashisha ni indirimbo, amajwi n'amashusho, imigani migufi, ibitekerezo by'abatoza bakuru kimwe n'abandi bantu b'ibirangirire...

## ***II.9 Imihigo y'Intore***

Kugira ngo Intore zigire uruhare mu kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ufite indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore, imihigo yazo ishingira ku ngingo z'ingenzi zikurikira:

- a. Gutoza no kwimakaza indangagaciro na kirazira mu Banyarwanda;
- b. Gukora ibikorwa by'ubukangurambaga bigamije guhindura imyumvire, imyifatire n'imikorere;
- c. Gukora ibikorwa by'amaboko;
- d. Kwimakaza umuco wo gutabarana no gufasha abandi;
- e. Kwegeranya imibare fatizo ikenerwa mu igenamigambi n'iterambere ry'aho batuye;

- f. Kwimakaza umuco wo kuremera abatishoboye;
- g. N'ibindi

## ***II.10 Uruhare mu gutegura imihigo y'urwego rw'ubuyobozi***

Mu gutegura imihigo y'urwego rw'ubuyobozi, Intore zigaragaza uruhare rwazo mu kuyesa zerekana imihigo yihariye zizakora zo ubwazo kandi zikazayimurika igihe cyo kwesa imihigo kigeze.

Mu gihe cyo kwesa imihigo, Intore zishakamo ubushobozi. Urwego rw'ubuyobozi zikoreraho rukazunganira mu byibanze bituma ziyesa.

### **a. Uruhare mu kwesa imihigo y'urwego rw'ubuyobozi**

Binyuze muri komite mpuzabikorwa, Intore zifasha urwego rw'ubuyobozi ziriho mu gukora ibikorwa bitandukanye by'iterambere no gukangurira abaturage gushyira mu bikorwa gahunda za Leta.

### **b. Uko Intore zihiga**

Imihigo y'Intore ikorerwa mu nteko y'Intore yo ku rwego rwisumbuye igakorwa na komite mpuzabikorwa y'Intore.

### **c. Uko Intore zesa imihigo**

Intore yesa imihigo ishyira mu bikorwa imihigo yayo ikanayimurikira mu nteko yayihigiyemo.

### **d. Uko Intore zivuga ibigwi**

Mu kwivuga ibigwi, buri Intore ivuga ibikorwa by'indashyikirwa yagezeho mu kuri. Yahiga izindi ikaba Indashyikirwa, itagera ku muhigo kubera impamvu ziyiturutseho ikaba ikigwari.

## ***II. 11 Ukwezi kw'indangagaciro***

Mu kwezi kw'indangagaciro Intore zivugamo ibigwi by'umwaka urangiye zikamurika imihigo y'umwaka ukurikiye mu kwimakaza

indangagaciro n'umuco w'Ubutore mu Banyarwanda.

Ukwezi kw'indangagaciro kwizihizwa muri Kamena kugasozwa n'Igitaramo cy'Intore ku rwego rw'Igihugu.

Buri mwaka Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itanga gahunda y'imitunganyirize y'ukwezi kw'indangagaciro.

### **II.12 Igihe gitaramo cy'Intore kibera**

Igitaramo cy'Intore kiba mu buryo bukurikira:

- a. Mu Mudugudu kiba rimwe mu kwezi, mu cyumweru cya mbere
- b. Mu Kagari kiba muri Gashyantare
- c. Mu Murenge kiba muri Werurwe
- d. Mu Karere kiba muri Gicurasi
- e. Mu nzego z'imirimo kiba muri Gicurasi
- f. Mu mashuri kiba muri Gicurasi
- g. Ku rwego rw'Igihugu kiba muri Kamena

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itanga amabwiriza yihariye agaragaza imitunganyirize y'igitaramo cy'Intore.

### **II.13 Icyumba cy'indashyikirwa**

Icyumba cy'indashyikirwa ni icyumba cyagenewe gushyirwamo amafoto, amajwi, inyandiko bigaragaza ibigwi by'Intore z'indashyikirwa.

Icyumba cy'indashyikirwa kiba aha hakurikira:

- a. Kuri buri Kagari
- b. Kuri buri Murenge
- c. Kuri buri Karere
- d. Kuri buri rwego rw'imirimo

- e. Kuri buri kigo cy'ishuri
- f. Muri buri Ambasade
- g. Ku rwego rw'Igihugu kiba muri NIC

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itanga amabwiriza yihariye ku miterere, imitunganyirize n'imitungire y'icyumba cy'indashyikirwa.

## **II.14 INZEGO Z'INTORE, INSHINGANO ZABO N'ABAZIGIZE**

### **a. Itorero ryo mu Mudugudu**

Kugira ngo intore zishobore gukora zigira inzego zikorera, inshingano n'abagize izo nzego.

Itorero ry'igihugu rihera mu rugo rugizwe n'umugabo umugore n'abana. Akaba aricyo gicumbi gitorezwamo indangagaciro zibanze na kirazira bityo umudugudu ugahuza ingo ziwugize.

Ku rwego rw'Umudugudu Inteko y'Intore igizwe n'Intore zose zituye Umudugudu cyangwa zihafite ibikorwa. Ishingiro ry'Itorero ni mu Mudugudu. Abanyarwanda bose baja mu Itorero mu Mudugudu.

Abatorezwa mu Mudugudu batorezwa mu byiciro bikurikira:

- Itorero ry'urubyiruko rutarubaka;
- Itorero ry'urubyiruko rwubatse rutararenza imyaka 35;
- Itorero ry'ibikwerere n'amajigija guhera ku myaka 36.

Bitewe nuko abana n'urubyiruko baba bakiri mu ishuri, niho batorezwa.

Utorezwa ahandi agumana izina ry'Itorero ry'Umudugudu we kandi ntagomba kubura muri gahunda z'Itorero ryo mu Mudugudu zikurikira:

- gahunda y'Intore mu muryango;
- gahunda y'Intore mu zindi;
- gahunda y'Igitaramo cy'Intore;
- gahunda y'ukwezi kw'indangagaciro.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ishahira amabwiriza yihariye ajyanye n'uko buri gahunda ivugwa muri iyi ngingo iteguye.

Ku nzego z'imitgekere y'Igihugu amazina y'ubutore akoreshwa ku buryo bukurikira:

- Umutwe w'Intore ni Akarere
- Isibo y'Intore ni Umurenge
- Urugerero rw'Intore ni Akagari
- Ingamba y'Intore ni Umudugudu

### ***b. Igihe cyo gutoza mu Mudugudu***

Gutoza mu Mudugudu bikorwa rimwe mu cyumweru, batoza mu gihe cy'amasaha abiri (2) bigakorwa n'abatoza bemejwe ku Mudugudu. Gutoza mu Mudugudu bimara amezi atatu (3). Komite Mpuzabikorwa y'Intore ku Mudugudu yemeza umunsi n'igihe ikagena kandi igategura aho gutoreza.

Abatozwa bitoramo ababayobora bakurikira:

- Umuyobozi
- Umuhwituzi
- Umushyushyagitaramo

Buri Mudugudu ugira abatoza nibura batanu (5) batoranywa n'Inteko y'Intore ku Mudugudu hashingiwe ku bivugwa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza. Abatoza bo ku Mudugudu bemezwa n'Inteko y'Intore ku Kagari.

## **II.15 Inzego z'Intore**

Intego z'Intore ni izi zikurikira:

- a. Inteko y'Intore
- b. Komite mpuzabikorwa
- c. Komite y'abarinzi b'indangagaciro

### **d. Inteko y'Intore**

## **II.16 Inshingano z'inteko y'Intore ku Mudugudu**

Ku rwego rw'Umudugudu, Inteko y'Intore ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
- Gutora abagize Komite Mpuzabikorwa;
- Kwemeza imihigo y'Intore ku rwego rw'Umudugudu;
- kwemeza imikorere ya Komite mpuzabikorwa, abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yazo;

### **a. Imiterere y'Inteko y'Intore ku rwego rw'Umudugudu**

Ku rwego rw'Umudugudu Inteko y'Intore igizwe n'Intore zose zituye Umudugudu cyangwa zihafite ibikorwa.

## **II.17 Inshingano z'inteko y'Intore ku Kagari**

Kuri rwego rw'Akagari, Inteko y'Intore ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- a. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
- b. Gutora abagize Komite Mpuzabikorwa ku rwego iriho;
- c. Kwemeza imihigo y'Intore z'urwego iriho;
- d. Gukurikirana imikorere ya Komite mpuzabikorwa, abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yazo.

## **II.18 Imiterere y'Inteko y'Intore ku rwego rw'Akagari**

Ku rwego rw'Akagari Inteko y'Intore igizwe n'Intore zose zituye Akagari cyangwa zihafite ibikorwa.

## **II.19 KOMITE MPUZABIKORWA**

### **a. Inshingano za Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Umudugudu**

Komite mpuzabikorwa ku rwego rw'Umudugudu ifite inshingano zikurikira:

- a. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
- b. Gutegura imihigo y'Intore na raporo z'ibikorwa;
- c. Gukora gahunda y'inama y'Inteko y'Intore no kuyitumira;
- d. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'itorero by'urwego ikuriye;
- e. Gukora icyegeranyo cy'ibikorwa by'Indashyikirwa byaba ibigwi by'Umudugudu;
- f. Guhagararira Umudugudu mu Nteko y'Intore ku rwego rw'Akagari;
- g. Ibindi yashingwa n'Inteko y'Intore ku rwego rw'Umudugudu.

### **b. Abagize Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Umudugudu**

Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Umudugudu igizwe n'aba bakurikira:

- a. Umukuru w'Intore;
- b. Umukuru w'Intore wungirije;
- c. Ushinzwe abatoza n'imihigo;
- d. Umwanditsi/umubitsi;

e. Abajyana babiri (2);

f. Ushinzwe gukurikirana uruhare rw'Intore mu iterambere.

Umukuru w'Intore mu Mudugudu ni umuyobozi w'Umudugudu. Abandi bagize Komite Mpuzabikorwa batorwa mu bagize Inteko y'Intore mu Mudugudu.

**c. Inshingano za Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akagari**

Komite mpuzabikorwa ku rwego rw'Akagari ifite inshingano zikurikira:

a. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore mu Kagari;

b. Gutegura imihigo y'Intore na raporo z'ibikorwa;

c. Gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Intore zo ku rwego rw'Akagari;

d. Gukora gahunda y'inama y'Inteko y'Intore ku Kagari no kuyitumira;

e. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'itorero mu Midugudu;

f. Gukora icyegeranyo cy'ibikorwa by'Indashyikirwa byaba ibigwi by'urwo rwego.

**d. Abagize Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akagari**

Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akagari igizwe n'aba bakurikira:

a. Umukuru w'Intore;

b. Umukuru w'Intore wungirije;

c. Ushinzwe abatoza n'imihigo;

d. Umwanditsi/umubitsi;

e. Abajyana babiri (2);

f. Ushinzwe gukurikirana uruhare rw'Intore mu iterambere.

Umukuru w'Intore mu Kagari ni Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari. Abandi bagize Komite Mpuzabikorwa batorwa mu bagize Inteko y'Intore mu Kagari.

**e. Inshingano za Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Umurenge**

Komite mpuzabikorwa ku rwego rw'Umurenge, ifite inshingano zikurikira:

- a. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore mu Murenge;
- b. Gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Intore zo ku rwego iriho;
- c. Gukora raporo y'ibikorwa by'Intore;
- d. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Intore mu Tugari;
- e. Gukora icyegeranyo cy'ibikorwa by'Indashyikirwa byaba ibigwi by'Intore z'Umurenge.

**f. Abagize Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Umurenge**

Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Umurenge igizwe n'aba bakurikira:

- a. Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge;
- b. Uhagarariye Ingabo;
- c. Uhagarariye Police;
- d. Uhagarariye NSS;
- e. Ushinzwe uburezi mu Murenge;
- f. Ushinzwe ubuhinzi mu Murenge;
- g. Uhagarariye Inkeragutabara;

- h. Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF);
- i. Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (CNJ);
- j. Ushinzwe abatoza n'imihigo;
- k. Ushinzwe gukurikirana uruhare rw'Intore mu iterambere;

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge niwe muyobozi wa Komite Mpuzabikorwa, ushinzwe uburezi mu Murenge akaba umutahira w'Intore n'umwanditsi wa Komite Mpuzabikorwa.

### **g. Inshingano za Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere**

Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere ifite inshingano zikurikira:

- a. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
- b. Gutegura gahunda y'ibikorwa by'Itorero mu Karere;
- c. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Itorero mu Mirenge;
- d. Gushakira gahunda z'Itorero imari n'ibindi bikenerwa bya ngombwa;
- e. Kwemeza raporo y'ibikorwa by'Itorero mu Karere yoherezwa NIC n'izindi nzego.

### **h. Abagize Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere**

Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere igizwe n'aba bakurikira:

- a. Abagize Komite Nyobozi y'Akarere;
- b. Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akarere;
- c. Uhagarariye Ingabo;
- d. Uhagarariye Police;

- e. Uhagarariye NSS;
- f. Ushinzwe guhuza ibikorwa by'Itorero mu Karere;
- g. Uhagarariye Inkeragutabara;
- h. Umuyobozi wa JADF ku rwego rw'Akarere;
- i. Uhagarariye amadini mu Karere;
- j. Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF);
- k. Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (CNJ);
- l. Undi Komite Nyobozi y'Akarere yabona ari ngombwa.

Komite mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere iyoborwa n'Umuyobozi w'Akarere, umukozi ushinzwe guhuza ibikorwa by'Itorero mu Karere akayibera umwanditsi.

## **II.20 ABARINZI B'INDANGAGACIRO**

### ***a. Inshingano za komite y'Abarinzi b'Indangagaciro ku Mudugudu***

Komite y'abarinzi b'indangagaciro ku rwego rw'Umudugudu bafite inshingano zikurikira:

- Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa;
- Kwemeza Intore z'indashyikirwa no kuzishimira;
- Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore;
- Kugira inama abateshutse ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda;
- kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
- Kugorora Intore zateshutse ku butore;
- Kwerekana indangagaciro zihariye zakwimakazwa ku rwego bariho; kugira ngo zemezwe n'Inteko y'Intore;

- Kwemeza ibijya mu cyumba cy'indashyikirwa no kubicunga neza.

**b. Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro ku rwego rw'Umudugudu**

Ku rwego rw'Umudugudu abarinzi b'indangagaciro ni 7, batandatu (6) batorwa n'Inteko y'Intore ku Mudugudu n'umwe (1) udatorwa. Bari mu byiciro bikurikira:

- Intore y'umugabo yo mu Itorero ry'ibikwerere n'amajigija;
- Intore y'umugore yo mu Itorero ry'ibikwerere n'amajigija;
- Intore yo mu Itorero ry'urubyiruko rwubatse;
- Intore yo mu Itorero ry'urubyiruko rutubatse;
- Intore ihagarariye icyiciro cy'Itorero ryo mu mashuri;
- Intore ihagarariye icyiciro cy'Itorero ryo mu nzego z'imirimo;
- Ushinzwe umutekano muri komite y'Umudugudu.

Abarinzi b'indangagaciro bitoramo umukuru w'abarinzi b'indangagaciro n'umukuru wungirije, ushinzwe umutekano muri komite y'Umudugudu akaba umwanditsi.

**c. Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro ku Kagari**

Abarinzi b'indangagaciro ku Kagari bafite inshingano zikurikira:

- Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa mu Midugudu;
- Gutegura no kuyobora inama ya komite z'abarinzi b'indangagaciro mu Midugudu;
- Kwemeza Umudugudu w'indashyikirwa mu kwimakaza umuco w'ubutore no kuwushima;

- Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo mu Midugudu no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa.

**d. Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro ku rwego rw'Akagari**

Ku rwego rw'Akagari abarinzi b'indangagaciro ni 7, barimo batandatu (6) batorwa, n'umukozi ushinzwe amajyambere ku Kagari. Bari mu byiciro bikurikira:

- Intore y'umugabo yo mu Itorero ry'ibikwerere n'amajigija
- Intore y'umugore yo mu Itorero ry'ibikwerere n'amajigija;
- Intore yo mu Itorero ry'urubyiruko rwubatse
- Intore yo mu Itorero ry'urubyiruko rutubatse
- Intore ihagarariye icyiciro cy'Itorero ryo mu mashuri;
- Intore ihagarariye icyiciro cy'Itorero ryo mu nzego z'imirimo;
- Ushinzwe amajyambere ku Kagari

Abarinzi b'indangagaciro batorwa mu barinzi b'indangagaciro b'Imidugudu igize Akagari.

**e. Inshingano za komite y'abarinzi b'Indangagaciro mu Murenge**

Abarinzi b'indangagaciro mu Murenge bafite inshingano zikurikira:

- Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa mu Tugari, mu mashuri no mu nzego z'imirimo;
- Gutegura no kuyobora inama ya komite z'abarinzi b'indangagaciro mu Tugari;

- Kwemeza Akagari k'indashyikirwa mu kwimakaza umuco w'ubutore no kugashima;
- Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo mu Tugari no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa.

**f. Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro ku rwego rw'Umurenge**

Ku rwego rw'Umurenge abarinzi b'indangagaciro ni 7, barimo batandatu (6) batorwa n'umukozi ushinzwe uburezi mu Murenge. Bari mu byiciro bikurikira:

- Intore y'umugabo yo mu Itorero ry'ibikwerere n'amajigija
- Intore y'umugore yo mu Itorero ry'ibikwerere n'amajigija;
- Intore yo mu Itorero ry'urubyiruko rwubatse
- Intore yo mu Itorero ry'urubyiruko rutubatse
- Intore ihagarariye icyiciro cy'Itorero ryo mu mashuri;
- Intore ihagarariye icyiciro cy'Itorero ryo mu nzego z'imirimo;
- Ushinzwe uburezi mu Murenge.

Abarinzi b'indangagaciro batorwa mu barinzi b'indangagaciro b'Utugari tugize Umurenge n'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri no mu nzego z'imirimo biri mu Murenge.

Abarinzi b'indangagaciro ku Murenge bitoramo umukuru w'abarinzi b'indangagaciro n'umukuru wungirije ushinzwe uburezi mu Murenge akaba umwanditsi.

***g. Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro mu Karere***

Komite y'abarinzi b'indangagaciro mu Karere ifite inshingano zikurikira:

- Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa;
- Kwemeza Intore z'indashyikirwa mu bakozi b'Akarere no kuzishimira;
- Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore;
- kugenzura niba indangagaciro abakozi b'Akarere biyemeje zikurikizwa;
- Kugorora Intore zateshutse ku butore;
- Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa cy'Akarere.

Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa cy'Akarere.

***II.21 Itorero ryo mu mashuri***

Muri gahunda ya Leta y'uburezi kuri bose, bigaragara ko Umunyarwanda amara nibura imyaka cumi n'itanu (15) ya mbere y'ubuzima ari mu mashuri. Uburere umuntu ahaboneye nibwo bugenga imyumvire ye, imitekerereze, imikorere n'imigirire mu buzima bwe busigaye. Imitoreze yaho igomba kugira uruhare runini mu kurema Ubutore bw'Umunyarwanda.

Kugira ngo bigerweho, ishuri ni Itorero, abarimu ni abatoza abanyeshuri ni Intore.

**a. Imiyoborere y’Itorero ryo mu mashuri abanza n’ayisumbuye**

Imiyoborere y’Itorero ryo mu mashuri abanza n’ayisumbuye itunganyijwe ku buryo bukurikira:

- Umukuru w’Intore: Umuyobozi w’ikigo cy’amashuri
- Umutahira: Umuyobozi w’ikigo wungirije ushinzwe amasomo
- Umwanditsi w’abarinzi b’indangagaciro: Ushinzwe imyitwarire
- Abatoza: Abarimu.

Mu mashuri yisumbuye, Intore za buri shuri (classe) zitoramo ubuyobozi bugizwe n’aba bakurikira:

- Umukuru w’Intore;
- Ushinzwe imihigo y’Intore;
- Umurinzi w’indangagaciro.

**b Imiyoborere y’Itorero muri kaminuza n’amashuri makuru**

Imiyoborere y’Itorero muri kaminuza n’amashuri makuru itunganyijwe ku buryo bukurikira:

1. Umukuru w’Intore: Umuyobozi wa koleje kaminuza cyangwa ishuri rikuru;
2. Umutahira: Umuyobozi wungirije wa koleje kaminuza cyangwa ishuri rikuru;
3. Abarinzi b’indangagaciro : Abayobozi ba faculty;
4. Abatoza: Abarimu bose.

Buri koleje cyangwa kaminuza, itunganya imitoreze ya buri cyiciro cy’amashuri ifite.

Intore za buri faculty zitoramo ubuyobozi bugizwe n'aba bakurikira:

**1. Intore yo ku mukondo:**

Ishinzwe guhuza ibikorwa by'Intore zo ku rugerero muri faculty no guhuza Intore zo ku rugerero n'ubuyobozi bwa koleje.

Hamwe n'umutahira wa koleje ashinzwe imyitozo ngororamubiri y'Intore ziri ku rugerero muri buri shami (faculty).

**2. Intore zo ku ruhembe:**

Intore yo ku ruhembe y'iburyo ishinzwe kuvuga amacumu (umwanditsi + ushinzwe amajwi n'amashusho + kubimurikira izindi Intore). Intore yo ku ruhembe y'ibumoso ishinzwe gutegura no gushyushya igitaramo.

**c. Igihe cyo gutoza mu mashuri**

Ubuyobozi bwa buri shuri, Kaminuza, koleje cyangwa ishuri rikuru bugena isaha imwe mu cyumweru yo gutoza.

**II.21.d Inshingano z'inteko y'Intore mu mashuri abanza**

Inteko y'Intore mu mashuri abanza ifite inshingano zikurikira:

- Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
- Kwemeza imihigo y'Intore;
- Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yazo.

**e. Inshingano z'inteko y'Intore mu mashuri yisumbuye**

Inteko y'Intore mu mashuri yisumbuye ifite inshingano zikurikira:

- Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
- Kwemeza imihigo y'Intore;

- Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangaciro no kwemeza raporo yazo.

#### **f. Inshingano z'inteko y'Intore muri kaminuza n'amashuri makuru**

Inteko y'Intore muri kaminuza n'amashuri makuru ifite inshingano zikurikira:

- Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
- Kwemeza imihigo y'Intore;
- Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangaciro no kwemeza raporo yazo;
- Gukangurira Intore gusesengura no gukora ubushakashatsi ku ndangaciro.

#### **g. Imiterere y'Inteko y'Intore mu mashuri abanza**

Inteko y'Intore mu mashuri abanza igizwe n'abatoza b'Intore bose hamwe n'abanyeshuri, iyoborwa n'umukuru w'Intore w'ikigo cy'amashuri abanza.

#### **Imiterere y'Inteko y'Intore mu mashuri yisumbuye**

Inteko y'Intore mu mashuri yisumbuye igizwe n'abatoza b'Intore (abarimu bose). Iyoborwa n'umukuru w'Intore w'ikigo cy'amashuri yisumbuye.

#### **h. Imiterere y'Inteko y'Intore muri kaminuza n'amashuri makuru**

Inteko y'Intore muri kaminuza n'amashuri makuru igizwe n'Intore zose ziga muri kaminuza, koleje cyangwa ishuri rikuru hamwe n'abatoza b'Intore muri kaminuza, koleje cyangwa ishuri rikuru. Iyoborwa n'umukuru w'Intore muri kaminuza, koleje cyangwa ishuri rikuru

**g Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri abanza**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri abanza ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa mu barimu no mu banyeshuri no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore;
4. kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;
6. Kwemeza ishuri ry'indashyikirwa mu kwimakaza umuco w'ubutore no kurishima;
7. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo mu mashuri no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa cy'ikigo.

**Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri yisumbuye**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri yisumbuye ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa mu barimu no mu banyeshuri no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore;
4. kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;

6. Kwemeza ishuri ry'indashyikirwa mu kwimakaza umuco w'ubutore no kurishima;
7. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo mu mashuri no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa cy'ikigo.

**Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro muri kaminuza n'amashuri makuru**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro muri kamenuza n'amashuri makuru ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore byimakazwa;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa mu barimu no mu banyeshuri no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore;
4. kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;
6. Kwemeza faculty y'indashyikirwa mu kwimakaza umuco w'ubutore no kuyishima;
7. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo mu mashuri no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa cya kamenuza cyangwa ishuri rikuru.

**Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri abanza**

Muri buri kigo cy'ishuri ribanza hari abarinzi b'indangagaciro batandatu (6) bakurikira:

1. Umwarimu umwe uhagarariye amashuri y'inshuke utorwa n'abarimu bose b'ishuri ry'inshuke;

2. Umwarimu umwe w'igitsina gore utorwa n'abarimu bose;
3. Umwarimu umwe w'igitsina gabo utorwa n'abarimu bose;
4. Umunyeshuri umwe w'umukobwa uhagarariye abanyeshuri bo mu icyiciro cya 2 cy'amashuri abanza utorwa n'abanyeshuri bose
5. Umunyeshuri umwe w'umuhungu uhagarariye abanyeshuri bo mu icyiciro cya 2 cy'amashuri abanza utorwa n'abanyeshuri bose;
6. Umwarimu ukuriye abandi mu kigo (Responsible) ari nawe mwanditsi

**Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri yisumbuye**

Buri kigo cy'ishuri ryisumbuye kigira abarinzi b'indangagaciro batanu (5) bakurikira:

1. Umwarimu umwe w'igitsina gore utorwa n'abarimu bose;
2. Umwarimu umwe w'igitsina gabo utorwa n'abarimu bose;
3. Umunyeshuri umwe w'umukobwa utorwa n'abanyeshuri bose;
4. Umunyeshuri umwe w'umuhungu utorwa n'abanyeshuri bose;
5. Ushinzwe imyitwarire mu kigo ari nawe mwanditsi.

**Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri makuru na kaminuza**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro mu mashuri makuru na kaminuza igizwe n'aba bakurikira:

1. Umwarimu umwe w'igitsina gore utorwa n'abarimu bose;
2. Umwarimu umwe w'igitsina gabo utorwa n'abarimu bose;

3. Umunyeshuri umwe w'umukobwa utorwa n'abanyeshuri bose;
4. Umunyeshuri umwe w'umuhungu utorwa n'abanyeshuri bose;
5. Intore yo ku mukondo muri buri faculty;
6. Abayobozi ba faculty bose;

## **II.22 Itorero ryo ku rugerero**

Mbere yo gutumwa ku rugerero Intore zibanza gutozwa. Buri Ntore ihabwa imyitozo ijyanye n'ibyo ishobora gukora, inyigisho z'uburere mboneragihugu n'imyitozo ya gisirikare y'ibanze. Mu gihe cyo kujya ku rugerero Intore ikaba isabwa gushyira mu bikorwa ibyo yize.

Buri mwaka Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itanga amabwiriza akena uko urugerero rw'uwo mwaka ruteguye.

## **II.23 Itorero mu nzego z'imirimo**

Mu nzego z'imirimo Itorero rigamije kugira abakozi bafite umuco w'Ubutore ugaragarira mu myitwarire, mu myumvire, mu mitekerereze, ubumuntu n'ubunyarwanda mu mirimo bakora, hubakiwe ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda.

Intore ku murimo irangwa nibura n'indangagaciro z'ibanze zikurikira:

- a) Gukunda Igihugu;
- b) Ishyaka ry'umurimo ikora;
- c) Umurimo unoze;
- d) Guhora ishakisha icyateza imbere urwego ikoramo;
- e) Kubahiriza igihe;
- f) Gukorana ibakwe;

- g) Kudakorera ku jisho;
- h) Kugira urugwiro;
- i) Kuba umunyakuri;
- j) Kutavangura.

### **Igihe cyo gutoza mu nzego z'imirimo**

Mu nzego z'imirimo zose, iza Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya Leta yaba nyarwanda cyangwa mvamahanga ikorera mu Rwanda bagena umunsi umwe mu cyumweru wo gutoza mu gihe kitari munsi y'isaha imwe.

Muri gahunda zo kongerera abakozi ubushobozi zitegurwa n'abakoresha bose hagenwamo amasomo yo kwimakaza umuco w'Ubutore mu bakozi.

### **II.24 Itorero ryo mu bigo byabugenewe**

Itorero ryo mu bigo byabugenewe ritorezwamo cyane cyane aba bakurikira:

1. Abayobozi bakuru b'Igihugu;
2. Abatoza b'Intore;
3. Abayobozi b'Intore;
4. Abarinzi b'indangagaciro;
5. Ibyiciro byihariye bigenwa na NIC.

Ibigo byagenewe gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore bibarizwa ku rwego rw'Igihugu, Akarere n'Umurenge n'ahandi NIC yagena.

Ibigo byabugenewe bigira Abatoza bo mu byiciro 2:

1. Abatoza bahoraho bemezwa bagahabwa inshingano na NIC

2. Abatoza badahoraho biyambazwa igihe bibaye ngombwa. Ibigobyabugenewe bigiranyubako, ibikoreshon'imfashanyigisho by'ibanze bijyanye n'icyiciro cy'Intore zihatoretzwa.

### **Inshingano z'inteko y'Intore muri Minisiteri**

Inteko y'Intore muri Minisiteri ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
2. Kwemeza abagize Komite Mpuzabikorwa muri Minisiteri;
3. Gutora abarinzi b'Indangagaciro muri Minisiteri;
4. Kwemeza imihigo y'Intore muri Minisiteri;
5. Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yayo.

### **Inshingano z'inteko y'Intore muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta**

Inteko y'Intore muri komisiyo n'ibigo bya Leta ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
2. Kwemeza abagize Komite Mpuzabikorwa muri Komisiyo/ikigo cya Leta;
3. Gutora abarinzi b'Indangagaciro muri Komisiyo/ikigo cya Leta;
4. Kwemeza imihigo y'Intore muri Komisiyo/ikigo cya Leta;
5. Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yayo.

### **Inshingano z'inteko y'Intore mu bigo by'abikorera**

Inteko y'Intore mu bigo by'abikorera ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;

2. Kwemeza abagize Komite Mpuzabikorwa;
3. Gutora abarinzi b'Indangagaciro;
4. Kwemeza imihigo y'Intore;
5. Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yayo.

### **Inshingano z'inteko y'Intore mu miryango itari iya Leta**

Inteko y'Intore mu miryango itari iya Leta ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
2. Gutora abagize Komite Mpuzabikorwa;
3. Kwemeza imihigo y'Intore;
4. Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yazo.

### **Inshingano z'inteko y'Intore mu gihugu cy'amahanga**

Inteko y'Intore mu gihugu cy'amahanga ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
2. Gutora abagize Komite Mpuzabikorwa;
3. Kwemeza imihigo y'Intore;
4. Gukurikirana imikorere ya Komite y'abarinzi b'indangagaciro no kwemeza raporo yazo.

### **Imiterere y'Inteko y'Intore muri Minisiteri**

Inteko y'Intore muri Minisiteri igizwe n'abakozi bose ba Minisiteri ikayoborwa na Minisitiri.

### **Imiterere y'Inteko y'Intore muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta**

Inteko y'Intore muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta igizwe n'abakozi bose ba Komisiyo cyangwa ikigo cya Leta ikayoborwa na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi.

### **Imiterere y'Inteko y'Intore mu bigo by'abikorera**

Inteko y'Intore mu bigo by'abikorera igizwe n'abakozi bose b'ikigo ikayoborwa n'umuyobozi Mukuru w'ikigo.

### **Imiterere y'Inteko y'Intore mu miryango itari iya Leta**

Inteko y'Intore mu miryango itari iya Leta igizwe n'abakozi bose b'uwo muriyango ikayoborwa n'umuyobozi mukuru w'umuryango.

### **Imiterere y'Inteko y'Intore mu gihugu cy'amahanga**

Inteko y'Intore mu gihugu cy'amahanga igizwe n'Intore zose ziri mu gihugu cy'amahanga ikayoborwa na ambasaderi w'u Rwanda muri icyo gihugu.

### **Inshingano za komite mpuzabikorwa muri Minisiteri**

Komite mpuzabikorwa muri Minisiteri ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore muri Minisiteri;
2. Kugena umunsi umwe mu cyumweru wo gutoza abakozi ba Minisiteri;
3. Gushaka abatoza mu zindi nzego bunganira aba Minisiteri
4. Gushyira gahunda z'itorero muri gahunda z'ibikorwa bya Minisiteri;
5. Gukurikirana uko gutoza bikorwa mu nzego z'imirimo zirebererwa na Minisiteri;

## **Inshingano za komite mpuzabikorwa muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta**

Komite mpuzabikorwa muri za komisiyo n'ibigo bya Leta ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore muri komisiyo/ ikigo cya Leta;
2. Kugena umunsi umwe mu cyumweru wo gutoza abakozi ba komisiyo/ikigo cya Leta;
3. Gushaka abatoza mu zindi nzego bunganira aba komisiyo/ikigo cya Leta;
4. Gushyira gahunda z'itorero muri gahunda z'ibikorwa bya komisiyo/ikigo cya Leta.

## **Inshingano za komite mpuzabikorwa mu bigo by'abikorera**

Komite mpuzabikorwa mu bigo by'abikorera ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore mu kigo;
2. Kugena umunsi umwe mu cyumweru wo gutoza abakozi b'ikigo;
3. Gushaka abatoza mu zindi nzego bunganira ab'ikigo;
4. Gushyira gahunda z'itorero muri gahunda z'ibikorwa by'ikigo.

## **Inshingano za komite mpuzabikorwa mu miryango itari iya Leta**

Komite mpuzabikorwa mu miryango itari iya Leta ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;
2. Kugena umunsi umwe mu cyumweru wo gutoza abakozi

b'umuryango;

3. Gushaka abatoza mu zindi nzego bunganira ab'umuryango;
4. Gushyira gahunda z'itorero muri gahunda z'ibikorwa by'umuryango.

### **Inshingano za komite mpuzabikorwa mu gihugu cy'amahanga**

Komite mpuzabikorwa mu gihugu cy'amahanga ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore mu banyarwanda baba mu mahanga;
2. Kugena umunsi umwe mu cyumweru wo gutoza abakozi ba amabasade;
3. Gushaka abatoza bunganira ab'amabasade;
4. Gushyira gahunda z'itorero muri gahunda z'ibikorwa by'ambasade.

### **Imiterere ya Komite Mpuzabikorwa**

#### **Abagize komite mpuzabikorwa mu Karere**

Komite mpuzabikorwa mu Karere nk'urwego rw'umurimo, igizwe n'aba bakurikira:

1. Umukuru w'Intore: Umuyobozi w'Akarere;
2. Umukuru w'Intore wungirije: Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu;
3. Umukuru w'abarinzi b'indangaciro: Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza;
4. Umuvuzi w'amacumu: umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;

5. Abatoza b'Intore: abayobozi b'amashami;
6. Umutahira akaba n'umwanditsi: ushinzwe guhuza ibikorwa by'Itorero mu Karere.

**Abagize komite mpuzabikorwa muri Minisiteri**

Komite mpuzabikorwa muri Minisiteri igizwe n'aba bakurikira:

1. Umukuru w'Intore: Minisitiri;
2. Umukuru w'Intore wungirije: Umunyamabanga wa Leta;
3. Umutahira ari nawe mwanditsi: Ushinzwe abakozi;
4. Abatoza b'Intore: Abayobozi bakuru muri Minisiteri/aho batari Abayobozi b'amashami
5. Umuvuzi w'amacumu: Umunyamabanga Uhoraho

Muri Minisiteri zitarimo Abanyamabanga ba Leta, umukuru w'Intore wungirije ni Umunyamabanga Uhoraho agakomeza no kuba umuvuzi w'amacumu.

**Abagize komite mpuzabikorwa muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta**

Komite Mpuzabikorwa muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta igizwe n'aba bakurikira:

1. Umukuru w'Intore: Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya Komisiyo/ikigo;
2. Umukuru w'Intore wungirije: CEO/Umunyamabanga Nshingwabikorwa /Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo/ikigo;
3. Umutahira akaba n'umwanditsi: ushinzwe abakozi;
4. Abatoza b'Intore: Abayobozi b'amashami;
5. Umuvuzi w'amacumu: Communications Officer.

**Abagize komite mpuzabikorwa mu bigo by'abikorera**

Komite Mpuzabikorwa mu bigo by'abikorera igizwe n'aba bakurikira:

1. Umukuru w'Intore: Umuyobozi Mukuru w'ikigo
2. Umukuru w'Intore wungirije: Umuyobozi Mukuru wungirije
3. Umutahira akaba n'umwanditsi: ushinzwe abakozi;
4. Abatoza b'Intore: Abayobozi b'amashami
5. Umuvuzi w'amacumu: Communication Officer.

**Abagize komite mpuzabikorwa mu miryango itari iya Leta**

Komite Mpuzabikorwa mu miryango itari iya Leta igizwe n'aba bakurikira:

1. Umukuru w'Intore: Umuyobozi Mukuru
2. Umukuru w'Intore wungirije: Umuyobozi Mukuru wungirije
3. Umuta hira akaba n'umwanditsi: ushinzwe abakozi;
4. Abatoza b'Intore: Abayobozi b'amashami;
5. Umuvuzi w'amacumu: Communication Officer

**Abagize komite mpuzabikorwa mu gihugu cy'amahanga**

Mu gihugu cy'amahanga, komite mpuzabikorwa igizwe n'aba bakurikira:

1. Umukuru w'Intore: Ambasaderi
2. Umukuru w'Intore wungirije: Umukuru wa DIASPORA
3. Umutahira akaba n'umwanditsi: Umujyanama wa mbere muri ambasade;
4. Abatoza b'Intore: Abagize komite z'Intore mu Mijyi/Intara

itandukanye yo mu Gihugu cy'amahanga, Intore ziri ku rugerero.

5. Umuvuzi w'amacumu: Umunyamabanga w'Ambasade.

### **Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro muri Minisiteri**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro muri Minisiteri ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa muri Minisiteri;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa muri Minisiteri no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore za Minisiteri;
4. kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;
6. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo muri Minisiteri no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa cya Minisiteri.

### **Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro muri za komisiyo n'ibigo bya Leta ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa muri komisiyo/ikigo cya Leta;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa muri komisiyo/ikigo cya Leta no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore za

komisiyo/ikigo cya Leta;

4. kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;
6. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo muri komisiyo/ikigo cya Leta no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa.

### **Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro mu bigo by'abikorera**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro mu bigo by'abikorera ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa mu kigo;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa mu kigo no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore za z'ikigo;
4. Kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;
6. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo mu kigo no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa.

### **Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro mu miryango itari iya Leta**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro mu miryango itari iya Leta ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore;

4. Kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;
6. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo mu muryango no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa.

### **Inshingano za komite y'abarinzi b'indangagaciro mu gihugu cy'amahanga**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro mu gihugu cy'amahanga ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa;
2. Kwemeza Intore z'indashyikirwa no kuzishimira;
3. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'Intore;
4. Kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
5. Kugorora Intore zateshutse ku butore;
6. Gukora icyegeranyo cy'Intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo no kuzishyira mu cyumba cy'indashyikirwa.

### **Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro muri Minisiteri**

Komite y'abarinzi b'indangagaciro muri Minisiteri igizwe n'abantu batanu (5):

- a. Bane (4) muri bo batorwa mu bakozi bose ba Minisiteri hubahirijwe ihame ry'uburinganire no guhagararirwa kw'amashami y'imirimo.
- b. Ushinzwe ubugenzuzi muri Minisiteri ni umuvuzi w'amacumu akaba n'umwanditsi wa komite y'abarinzi b'indangagaciro.

### **Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro muri za Komisiyo**

### **n'ibigo bya Leta**

Abarinzi b'indangagaciro muri za Komisiyo n'ibigo bya Leta ni batanu (5):

- a. Bane (4) muri bo batorwa mu bakozi bose ba Komisiyo cyangwa ikigo cya Leta hubahirijwe ihame ry'uburinganire no guhagararirwa kw'amashami y'imirimo.
- b. Ushinzwe ubugenzuzi muri Komisiyo cyangwa ikigo cya Leta ni umuvuzi w'amacumu akaba n'umwanditsi wabo.

### **Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro mu bigo by'abikorera**

Abarinzi b'indangagaciro mu bigo by'abikorera ni (5):

- a. Bane (4) muri bo batorwa mu bakozi bose b'ikigo hubahirijwe ihame ry'uburinganire no guhagararirwa kw'amashami y'imirimo.
- b. Ushinzwe ubugenzuzi mu ikigo ni umuvuzi w'amacumu akaba n'umwanditsi wabo.

### **Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro mu miryango itari iya Leta**

Abarinzi b'indangagaciro mu miryango itari iya Leta ni batanu (5):

- a. Bane (4) muri bo batorwa mu bakozi bose b'umuryango hubahirijwe ihame ry'uburinganire no guhagararirwa kw'amashami y'imirimo.
- b. Ushinzwe ubugenzuzi mu muryango ni umuvuzi w'amacumu akaba n'umwanditsi wabo.

### **Abagize komite y'abarinzi b'indangagaciro mu gihugu cy'amahanga**

Abarinzi b'indangagaciro mu Gihugu cy'amahanga ni batanu (5):

- a. Bane (4) muri bo batorwa mu Ntore zose zituye mu Gihugu cy'amahanga hubahirijwe ihame ry'uburinganire no guhagararirwa kw'Intara/imijyi.
- b. Umujyana wa kabiri muri Ambasade ni umuvuzi w'amacumu akaba n'umwanditsi wabo

## **II.25 IMIKORERE Y'INZEGO Z'INTORE**

### **Inama y'Inteko y'Intore**

Kuri buri rwego, Inteko y'Intore iterana rimwe mu kwezi kwa gatatu kwa buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Iterana ku buryo bukurikira:

1. Ku Mudugudu iterana mu cyumweru cya mbere;
2. Ku Kagari iterana mu cyumweru cya kabiri;
3. Ku Murenge iterana mu cyumweru cya gatatu;
4. Ku Karere iterana mu cyumweru cya kane;
5. Inama y'Inteko y'Intore mu nzego z'imirimo no mu mashuri iterana rimwe mu gihembwe n'igihe bibaye ngombwa.

### **Imitangire ya raporo**

Inyandikomvugo y'inama y'Inteko y'Intore na raporo y'ibikorwa bishyirwaho umukono n'Intore yo ku mukondo kuri urwo rwego n'Umwanditsi wayo igashyikirizwa urwego rwisumbuye mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsu inama yateraniyeho.

### **Komite mpuzabikorwa y'Intore**

#### **Inama ya Komite Mpuzabikorwa y'Intore**

Kuri buri rwego, **Inama ya Komite Mpuzabikorwa y'Intore** iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Iterana

ku buryo bukurikira:

1. Ku Mudugudu iterana mu cyumweru cya mbere;
2. Ku Kagari iterana mu cyumweru cya kabiri,
3. Ku Murenge iterana mu cyumweru cya gatatu
4. Ku Karere iterana mu cyumweru cya kane

Inama ya komite mpuzabikorwa y'Intore mu nzego z'imirimu no mu mashuri iterana rimwe mu kwezi n'igihe bibaye ngombwa.

### **Imitangire ya raporo**

Inyandikomvugo y'inama ya komite mpuzabikorwa y'Intore na raporo y'ibikorwa bishyirwaho umukono n'Intore yo ku mukondo kuri urwo rwego n'Umwanditsi wayo igashyikirizwa urwego rwisumbuye mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsu inama yateraniyeho.

### **Imikorere ya komite y'abarinzi b'indangagaciro**

#### **Inama ya komite y'abarinzi b'indangagaciro**

Kuri buri rwego, mu mashuri no mu nzego z'imirimu Inama ya komite y'abarinzi b'indangagaciro iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Iterana ku buryo bukurikira:

1. Ku Mudugudu iterana mu cyumweru cya mbere;
2. Ku Kagari iterana mu cyumweru cya kabiri;
3. Ku Murenge iterana mu cyumweru cya gatatu;
4. Ku Karere iterana mu cyumweru cya kane.

### **Imitangire ya raporo**

Inyandikomvugo inama ya komite y'abarinzi b'indangagaciro na raporo y'ibikorwa bishyirwaho umukono n'umukuru w'abarinzi b'indangagaciro n'umwanditsi wayo kuri urwo rwego, mu mashuri no mu nzego z'imirimu igashyikirizwa Inteko y'Intore

mu gihe yateranye bamaze kubyumvikanaho na komite mpuzabikorwa y'Intore.

### **Ububasha bw'abarinzi b'Indangagaciro**

Mu mirimo yabo, abarinzi b'indangagaciro bubahiriza amategeko n'umuco nyarwanda kandi bakubahirwa ubushishozi bwabo n'icyizere Inteko y'Intore yabagiriye, ibyemezo bafashe mu nshingano zabo bikubahwa na bose kandi ntibyitirirwe cyangwa ngo biryozwe abayigize ku giti cyabo.

### **Imikoranire ya komite z'Intore n'inzego z'ubuyobozi**

Abagize Komite Mpuzabikorwa kuri buri rwego, cyangwa Intore aho iri hose n'icyiciro yatorejwemo icyo aricyo cyose, ntibasimbura inzego z'ubuyobozi ahubwo barabwunganira.

### **II.26 Ibyitabwaho mu gutora komite mpuzabikorwa na komite y'abarinzi b'indangagaciro**

Abatorerwa kujya muri izi nzego ni Intore zose zatorejwe mu Itorero mu byiciro bitandukanye. Mu gihe cyo gutora hagomba kubahirizwa ihame ry'ubuyobozi busangiwe n'ibyiciro bitandukanye by'Intore hamwe n'ihame ry'uburinganire.

### **II.27 Manda y'inzego z'Intore**

Abagize inzego z'Intore batorerwa manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa bakabifashwamo n'ubuyobozi bw'urwego, ikigo cy'ishuri cyangwa urwego rw'umurimo babarizwamo.

### **II.28 IMIKORANIRE YA KOMISIYO Y'ITORERO N'IZINDI NZEGO**

#### **Kubaka ubufatanye bw'inzego**

Itorero ry'Igihugu nk'inzira iboneye y'uburere mboneragihugu, ryaje rije kunganira izindi nzego zari zisanzweho mu Gihugu, zaba iza Leta, sosiyete sivile, amadini, mu guhindura imyumvire

n'imatekerereze y'abanyarwanda. Ni muri urwo rwego hubatswe imikoranire n'ubufatanye hagati y'Itorero ry'Igihugu n'izo nzego, cyane cyane hashyirwa ingufu mu gushyira hamwe ubushobozi bunyuranye (amafaranga, ubumenyi, ibikoresho bitandukanye) no kwirinda gutatanyanya imbaraga bigamije gutuma impinduka yifuzwa iboneka vuba. Buri rwego rwagize uruhare mu bikorwa by'Itorero, bityo gahunda y'Itorero iba gahunda isangiwe n'abandi.

Itorero ry'igihugu ryubatse ubufatanye n'imikoranire n'izindi inzego ku buryo bukurikira:

1. Buri Minisiteri n'urwego rugize Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu rwatanze ku ngengo y'imari yarwo amafaranga akenewe gutoza icyiro cy'intore kiyireba, abakozi bayo bagafasha mu gutanga ibiganiro no mu bikorwa byo gukurikirana abari mu Itorero. By'umwihariko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikoresheje icapiro ryayo yatubuye ku buntu inyandiko zose zakozwe n'Itorero ry'Igihugu;
2. Hubatswe ubufatanye n'imikoranire n'inzego z'umutekano mu rwego rwo kurinda umutekano w'abari mu Itorero kandi abahagarariye izo nzego bitabiriye gutanga ibiganiro mu Itorero;
3. Itorero ry'igihugu ryakoranye na za Minisiteri n'izindi nzego zitari muri Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu mu rwego rwo gutoza ibyiciro bizireba nka MINICOM, MINAGRI, PSF, MVK. Izi nzego zatanze amikoro n'abakozi byafashije mu gikorwa cyo gutoza;
4. Mu rwego rwo gutoza urubuyiruko rw'abanyarwanda baba muri Itorero ryafatanije na Ambassade zo mu Bubiligi no muri Canada ndetse na MINAFFET mu gutoza urubuyiruko

rwo muri Diaspora.

5. Itorero ry'Igihugu kandi ryafatanije na MINEDUC na MINAFFET n'izi nzego mu gutoza abanyeshuri b'abanyarwanda biga mu mahanga
6. Mu nzego z'ibanze hubatswe ubufatanye n'imikoranire y'inzego zikorera mu buri Karere mu rwego rwo gutoza intore no gukurikirana gahunda z'Itorero ry'igihugu.

**III. IMITUNGANYIRIZE N’IMITEGURIRE Y’UKWEZI  
KW’INDANGAGACIRO N’IGITARAMO CY’INTORE  
MU KWIMAKAZA UMUCO W’UBUTORE NO  
KWIHUTISHA ITERAMBERE:**

**III.1 Intangiriro**

- Umuco dusangiye uraturanga, Ururimi rwacu rukaduhaza, Ubwenge, umutima, amaboko yacu bigateza imbere u Rwanda.
- Ibi, abanyarwanda babitorezwaga mu **miryango** yabo no mu **Itorero**; **“Utarumbiye mu ngobyi arumbira mu ngabo”**.
- Abanyarwanda bahamagarirwaga kwitangira u Rwanda, kuruteza imbere, Intore zataramye zigahiga ndetse zikagira n’igihe cyo gutarama zivuga ibigwi.

**III.2 Intego**

Nyuma y’isomo Intore zizaba zisobanukiwe ibikorwa biteganijwe mu kwezi kw’Indangagaciro n’uruhare rwazo muri ibyo bikorwa, igitaramo cy’Intore mu kwimakaza umuco w’Ubutore no kwihutisha iterambere.

**III.3 Ibikubiye mu kiganiro**

1. Ibisobanuro by’amagambo y’ingenzi,
2. Uruziga rw’igihe indangagaciro nyarwanda z’ibanze zimakazwa mu mwaka.
3. Imitunganyirize n’imitegurire y’ukwezi kw’indangagaciro
4. Ingengabihe y’ukwezi kw’Indangagaciro
5. Igitaramo cy’Intore

6. Umuco w'Ubutore mu kwihutisha Iterambere
7. Umwanzuro
8. Inyandiko zifashishijwe.
9. Indirimbo

**a. Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi:**

1. **Intore** : umuntu watojwe kandi wimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda;
2. **Itorero**: Urubuga rutorezwamo Abanyarwanda kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere ;
3. **Umuco nyarwanda**: Ni umurage twasigiwe na ba sogokuruza ugenda urandaranda uko ibihe biha ibindi, ukaba warahaye Abanyarwanda indangamuntu ibatandukanya n'abandi. Umuco ukubiyemo ibintu byinshi: ibitekerezo, imibereho, imikorere n'ibikorwa. Ibyo abantu bemera, ubugeni n'ubuhanzi, amategeko, imihango, imigenzo n'imiziririzo n'ibindi abantu bagenda baherekanya.
4. **Indangagaciro**: Indangagaciro ni imyumvire, imitekerereze, imyifatire n'imigirire iranga abenegihugu runaka bemera kandi barata bibahesha agaciro, bifuza ko byahora bibaranga bikanabitirirwa uko ibihe biha ibindi, bityo bikaba amahame y'uburere atozwa abana b'umuryango runaka.
5. **Kirazira**: imyitwarire iyo ariyo yose inyuranyije n'indangagaciro n'amahame shingiro abantu bagenderaho kugira ngo babane neza kandi bafatanye kubaka Igihugu. Ikintu cyaciwe n'umuco w'Igihugu kandi gishobora kugirira ingaruka mbi umuntu ukirenzeho.

Kirazira itunga agatoki ingeso mbi ikabwira buri wese ko agomba kuzirinda.

**6. Ukwezi kw'indangagaciro:** Ukwezi Intore zivuga ibigwi by'umwaka urangiye zimurika imihigo y'umwaka ukurikiyeho mu kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore mu Banyarwanda hagatoranywa indashyikirwa zikanamurikirwa inzego zizikuriye.

**7. Ubutore:** kugira imyumvire, imyifatire, imyitwarire n'imikorere byimakaza indangagaciro z'Ubunyarwanda, gukunda Igihugu, Ubunyangamugayo, Ubutwari, Ubwitange, Gukunda umurimo no kuwunoza no kwihesha agaciro.


**8. Iterambere:** Ni intambwe igana:

- 1) ku buzima bwiza kandi buramba
- 2) ku bumenyi bukemura ibibazo
- 3) ku kwihaza mu bikoresho nkenerwa bya buri muni

**9. Igitaramo cy'Intore:** Umuhango Inteko y'Intore ikorera mu ruhame aho abavuzi b'amacumu b'urwo rwego bamurika ibigwi n'imihigo byabo bigakorera imbere y'umutoza mukuru w'urwo rwego.

**b. Uruziga rw'igihe indangagaciro nyarwanda z'ibanze zimakazwa mu mwaka:**

Kwimakaza indangagaciro ni ubuzima bwa buri muni buranga Intore, by'umwihariko indangagaciro z'ibanze n'izizishamikiyeho zibandwaho ku buryo bukurikira;



- **Gashyantare (Feb):** Itariki ya mbere Gashyantare ni umunsi mukuru w'Intwari z'Igihugu ni umunsi Abanyarwanda bibuka kandi bakazirikana Intwari z'Igihugu n'ibikorwa byaziranye. Na none ni umwanya Abanyarwanda babona wo gutekereza ku butwari nk'indangagaciro y'umuco w'u Rwanda, iki ni igihe indangagaciro **y'Ubutwari** n'izindi ziyishamikiyeho zirushwaho kuzirikanwa. Ubusanzwe, ukwezi kwa kabiri ni ukwezi Abanyarwanda baba bejeje imyaka, amatungo afite ubwatsi, kandi ndetse banahinga iby'igihe gikurikira. Muri uku kwezi usanga muri rusange abantu baguwe neza, bishimye bityo kikaba ari igihe cyiza cyo gusabana no kunezerwa.
- **Mata (Apr):** U Rwanda rwagize ibihe bikomeye cyane bya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, Ukwezi kwa Mata rero ni ukwezi ko kongera kuzirikanana indangagaciro **y'Ubunyarwanda**, Abanyarwanda bazirikana isano ibahuza kugira ngo bakomere ku bumwe bwabo no guharanira ko Jenoside itazongera ukundi.
- **Gicurasi (May):** Itariki ya mbere Gicurasi ni umunsi mukuru w'Abakozi u Rwanda rwifatanya n'Amahanga hazirikanwa umurimo unozze.

- **Nyakanga (July):** Itariki ya 4 Nyakanga 1994, Ingabo za FPR- INKOTANYI zahagaritse jenocide yakorewe abatutsi, u Rwanda rubohorwa ingoma y'ubutegetsu bubi. N'igihe hazirikanwa Intwari zakunze u Rwanda, abanyarwanda cyane urubwiruko rwongera gushishikarizwa indangagaciro yo **gukunda Igihugu**.
- **Ukwakira (October):** Itariki ya 1 Ukwakira 1990, habaye Ubutwari bwo gutangiza urugamba rwo kubohora u Rwanda, abana b'u Rwanda biyemeza guhara ubuzima bwabo ngo barengere u Rwanda n'abanyarwanda.
- **Ukuboza (Dec):** Itariki 5 ukuboza u Rwanda kimwe n'Isi rwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Ubukorerabushake/ Ubwitange, mu kwezi ko Ukuboza, n'igihe abanyarwanda bongera kuzirikana indangagaciro **y'Ubwitange**, uko Ubwitange bwubatswe u Rwanda, uburyo leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yongeye guha umurongo **Ubwitange** binyuze muri gahunda y'Urugerero ku rubwiruko (18 – 35yrs) Ubukorerabushake/Ubwitange ku bindi byiciro by'abanyarwanda.
- **Ukuboza (Dec):** Itariki 9 ukuboza u Rwanda kimwe n'Isi rwizihiza umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ruswa n'akarengane. Muri iki gihe u Rwanda rwongera kwibutsa abanyarwanda indangagaciro **y'Ubunyangamugayo**, n'igihe cyo kuzirikana ububi bwa ruswa n'akarengane, ingaruka n'ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane mu muryango nyarwanda.

Muri rusange, uruziga rw'indangagaciro rugaragaza indangagaciro zibandwaho mu kongera kubaka umuryango nyarwanda ugendera ku murage w'abakurambere.

**c. Indangagaciro z'ibanze ku Ntore n'ibisobanuro byazo**

1. **Ubunyarwanda:** isano ihuza Abanyarwanda, ibatera ishema no kuba Abanyarwanda bahuriye ku gukunda u Rwanda no kuruteza imbere, rukababamo nabo bakarukabamo.
2. **Gukunda Igihugu:** gukunda benecyo n'abagituye nta kurobanura, gukunda ibikigize byose nk'ubutaka, ururimi n'umuco no kumenya amateka ya cyo, kugikorera no kugira ishyaka rya cyo, kubumbatira umutekano n'ubusugire bwa cyo, kukirwanirira harimo ishyaka ryinshi, kwitanga ukaba wanagipfira bibaye ngombwa byo bigihesha agaciro.
3. **Ubunyangamugayo:** guhora wirinda icyagutera icyasha cyaba giturutse mu mvugo, mu myitwarire cyangwa mu migirire.
4. **Ubutwari:** kurangwa n'ibikorwa bihebuje bigirira akamaro wowe ubwawe bikakagirira n'abandi.
5. **Ubwitange:** Umuco wo gukora imirimo iteza imbere Igihugu kubera urukundo ugifitiye n'abagituye ukabikora nta gihembo utegereje.
6. **Gukunda umurimo no kuwunoza:** ukuwukorana ingoga, ukawunoza kandi wumva ko ufite akamaro bigatuma uwukora uwishimiye kandi uzirikana ko utikorera ubwawe ahubwo ukorera abandi bityo ukarwana ishyaka ry'abo uwukorera.
7. **Kwihesha agaciro:** kugira imyumvire, imyifatire n'imigirire bituma umuntu agira icyo yimarira, icyo amarira abandi n'icyo amarira Igihugu, bityo ijabo rye rikamuhesha ijamba mu bandi.

**d. Imitunganyirize n'imitegurire y'ukwezi kw'indangagaciro**

1. Ukwezi kw'indangagaciro gutunganywa kandi ku gategurwa hagamijwe:
2. Kugaragaza no kwishimira ibyagezweho muri gahunda yo kwimakaza indangagaciro no kubaka umuco w'ubutore mu Banyarwanda.
3. Gukomeza kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda no kubaka umuco w'Ubutore mu banyarwanda.
4. Ubuyobozi bw'itorero kuri buri rwego rumurikira urwego rurukuriye ibikorwa by'indshyikirwa Intore zakoze mu mwaka ushize n'imihigo bafite mu mwaka utangiye mu rwego rwo kwimakaza umuco w'ubutore no kwihutisha iterambere ku rwego rwabo.
5. Ukwezi kw'indangagaciro kutegurwa kandi kukabere mu nzego zose Intore zitorezwamo; mu Midugudu, mu mashuri, ku rugerero no mu nzego z'imirimbo mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira.

**e. Ingengabihe y'ukwezi kw'indangagaciro.**

Ukwezi kw'indangagaciro gutegurwa mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira kugira ngo Intore zimurike ibigwi muri uwo mwaka n'imihigo y'umwaka utaha.

Buri mwaka, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'itorero atanga amabwiriza yihariye y'imitunganyirize n'imategurire y'ukwezi kw'indangagaciro.

**f. Ibikorwa mu kwezi kw'indangagaciro**

1. Ubukangurambaga bwimakaza indangagaciro na kirazira;
2. Gusura ibikorwa by'indashyikirwa byakozwe n'Intore;
3. Kwegeranya amakuru y'ibikorwa by'itorero n'ayabagize inzego z'itorero bya buri rwego no kubishyira muri

mudasobwa mu rwego rwo kubaka data base y'Itorero;

4. Gushyiraho icyapa kuri buri Mudugudu, mu mashuri n'ahandi bakwemeza, cyanditseho indangagaciro na kirazira zibaranga;
5. Gukangurira abaturage gutanga mutuel se sante;
6. Gufasha no kuremera abatishoboye kubona mutuel se sante;
7. Gukora ibikorwa by'ubwitange byimakaza umuco w'ubutore;
8. Guhimba indirimbo ivuga ibigwi n'imihigo by'Intore ;

Komite mpuzabikorwa y'Intore na komite y'abarinzi b'indangagaciro nibo bashinzwe gutegura no guharanira imigendekere myiza y'ukwezi kw'indangagaciro.

**g. Kumenyekanisha ukwezi kw'indangagaciro:**

Mu rwego rwo kumenyekanisha ukwezi kw'indangagaciro, mbere y'uko gutangira hakorwa ibi bikurikira:

1. Inama ku rwego rw'Igihugu itegura ukwezi kw'indangagaciro;
2. Inama ya komite mpuzabikorwa ku Karere /Umurenge/ Akagari/Umudugudu;
3. Ubukangurambaga binyuze mu bitangazamakuru (*amatangazo, spot pub n'ibiganiro*), mu nama z'abaturage, insengero, ku masoko, n'ahandi abantu benshi bahurira;
4. Kugeza mu nzego bireba inyandiko n'amabwiriza bisobanura imitunganyirize y'ukwezi kw'indangagaciro.

**Gukurikirana no gufasha mu migendekere myiza y'ukwezi kw'indangagaciro.**

Kuri buri rwego habaho ingengabihe yo kujya kwifatanya n'Intore ziri ku rwego zikuriye mu bikorwa ziba zateganyije n'Intore zo kuri urwo rwego hanajyenwe aho buri wese ashinze.

Buri munsu buri rwego ruha raporo ururukuriye uko ibikorwa byagenze mu buryo bwa **twitter, WhatsApp** cyangwa **SMS** rukagera kopi urubuga rw'abatoza.

Buri byumweru 2 haba raporo irambuye y'ibyakozwe na buri rwego ikoherezwa ku rwego ruyikuriye kopi ikoherezwa kuri twitter y'Itorero ry'Igihugu no kurubuga rw'abatahira.

### **Igitaramo cy'Intore:**

- a. Mu gihe Intore zitozwa, ziraganira, zigahimba ibyivugo, indirimbo n'ibyino ndetse zikidagadura.
- b. Uretse kwizahirwa mu gitaramo, Intore zihakura uburere n'ubumenyi bwo kwimakaza indangagaciro na kirazira bityo umuco w'Ubutore ukimakazwa.
- c. Mu gitaramo, Intore ziganirizwa byimbitse umuco w'Igihugu, amateka akomeye Igihugu cyakiyemo n'uko Intore zazibanzirije zabyitwayemo.
- d. Intore zitozwa Ishyamba ryo kuba Indashyikirwa. Ubu burere byubaka mu Intore indangagaciro zo gukunda Igihugu, kubana neza no gukunda umurimo.
- e. Mu gitaramo cy'Intore mu gihe cy'Itorero hanakorera incamake cy'umunsi, Intore zikibukirana iby'ingezi byaranze umunsi, zikanahabwa gahunda y'umunsi ukurikira. Aba ari umwanya wo gusuzuma ko Intore zigendera mu murongo w'Itorero biganisha ku ntego nkuru y'iryo Torero.

- f. Iyo igihe cyo gutozwa kirangiye, mbere y'uko Intore zitumwa gushyira mu bikorwa ibyo zatojwe, hategurwa igitaramo cy'Imihigo,
- g. Intore zimurikira umukuru wazo imihigo zikuye mu Itorero zikaniyemeza kuzayesa, zigahiga kutaba ibigwari. Intore zihiga kurangwa n'Ubutore ndetse zigasizanira guhiganwa kuba Indashyikirwa.
- h. Iyo ubutumwa burangiye, Intore ziratarama, zikamurikira umukuru wazo ibigwi zivanye mu butumwa, Indashyikirwa zikagorororwa, ibigwari bikagawa. Muri iki gitaramo nanone Intore zihakura ishyaka rikomeye; Intore z'indashyikirwa zishaka gukomeza kuba indashyikirwa, izagaragayeho ubugwari nazo ziharanira kuba indashyikirwa mu gihe gitaha.

**h. Umuco w'Ubutore mu kwihutisha Iterambere:**

Umuco w'Ubutore ni umurage twasigiwe na ba sogokuruza ugentu uhererekanwa uko ibihe biha ibindi urangwa no kugira imyumvire, imyifatire, imyitwarire n'imikorere byimakaza **indangagaciro z'Ubunyarwanda, gukunda Igihugu, Ubunyangamugayo, Ubutwari, Ubwitange, Gukunda umurimo no kuwunoza no kwihesha agaciro.**

Imyumvire, imyifatire, imyitwarire n'imikorere byavuzwe haruguru bituma abaturage basobeka Ubumwe, bakagira amahoro n'umutekano w'ibyo bakora maze bakihuta mu Iterambere.

Imyumvire, imyifatire, imyitwarire n'imikorere byavuzwe haruguru byihutisha Iterambere ku buryo bukurikira:

1. Kwitabira no gukora ibikorwa by'umuganda,
2. Gufata iya mbere mu kugendana n'ibihe no guhindura

imyumvire: guhuza ubutaka, gufata neza ibidukikije, gutura mu midugudu, kuvugurura imyubakire mu migi,

3. Kugira uruhare mu kubaka amashuri,
4. Gufatanya n'abandi mu kubaka amakoperative n'amasosiyete y'ubucuruzi.
5. Kuvugurura imikoreshereze y'ubutaka no kububuyaza umusaruro ku bufatanye n'abashoramari bo mu gihugu cyangwa bo hanze.
6. Gufatanyan'abandi mu bikorwa by'ubukorerabushake
7. Gufata iya mbere mu guha agaciro iby'iwacu, no gushora imari mu mishinga itanga imirimo myinshi ku rubyiruko.

### **Umwanzuro**

U Rwanda rwubatswe n'abanyarwanda babikesha indangagaciro z'umuco nyarwanda, aho izo ndangagaciro zitakarijwe, u Rwanda rugwirwa n'amahano ya jenocide yakorewe abatutsi muri 1994.

Nta gushidikanya, kongera kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda n'umuco w'ubutore mu banyarwanda, bizihutisha iterambere kandi rirambye. Bityo buri munyarwanda wese arasabwa kuba Intore mu buzima bwe bwa buri muni.

### **Inyandiko zifashishijwe:**

1. Amabwiriza ya perezida wa nic n° 01/2013 yo ku wa 12/11/2013 agenga imikorere y'intore n'uruhare rwazo muri gahunda yo guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere
2. Amabwiriza ya perezida wa NIC no 03/2014 yo ku

wa 04/04/2014 agena imitunganyirize y'ubwitange n'uruhare rwabwo mu kubaka umuco w'ubutore no kwihutisha iterambere ry'Igihugu

3. Isomo ku ngamba zo kwihutisha iterambere ry'u Rwanda bigamije kwigira; FPR – Inkotanyi 2014
4. Itegeko n° 41/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.
5. Uruhare rw'umuco mu iterambere; FPR – Inkotanyi 2014

**Indirimbo:**

1. Rwanda Nziza/Indirimbo y'Igihugu;
2. Imihigo Irakomeje; Ndagijimana Juvenali
3. Girubuntu; Muyango
4. Ubutwari buraharanirwa; RDF- Military Band
5. Irerero ry'u Rwanda; Shyaka Eric

**Amajwi n'amashusho:**

1. Video, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame mu Nteko Ishinga Amategeko atangiza Itorero ry'Igihugu, 16/11/2007
2. Video, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame mu muhango wo gusozza Itorero y'IMBANGUKIRAGUTABARA, Stade Amahoro kuwa 03/08/2009
3. Amafoto ya RPA/ INKOTANYI
4. Amafoto y'umuganda,
5. Ifoto y'Umwami Mutara, jubili 25, Nyanza Juin 1957

## **IV. IMIKORERE Y'INTORE ZO KU RUGERERO**

### **IV.1 INTEGO Y' ISOMO**

Nyuma y'iri somo, Intore zizaba zisobanukiwe n'intego y'urugerero, abajya ku rugerero, ibikorwa ku rugerero, akamaro ku rugerero n'umusaruro Igihugu gitegereje mu bikorwa byakozwe n' Intore zo ku Rugerero.

### **IV.2 INGINGO Z' INGENZI MU KIGANIRO:**

- a. Urugerero mu muryango nyarwanda,
- b. Urugerero mu Rwanda rwa none (intego y'urugerero, abajya ku rugerero, ibikorwa ku rugerero, igitabo cy'urugerero, ingengabihe y'urugerero, ubuyobozi bw'Intore zo ku rugerero, ibiranga Intore ivuye ku rugerero)
- c. Umusaruro igihugu gikesha urugerero

### **IV.3 Ubusobanuro bw' amagambo**

**Intore:** Umuntu watojwe kandi wimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda;

**Urugerero** icyiciro cy'imitoreze y'Intore kirangwa n'ibikorwa by'ubwitange Intore zitumwamo gukorera Igihugu mu mirimo ifitiye Abanyarwanda akamaro.

### **IV.4 Urugerero mu muryango nyarwanda**

Mu Rwanda mbere y'ubukoroni ibikorwa by'ubwitange byahozeho. Abakurambere bacu bajyaga kwitanga mu bikorwa bitandukanye bigamije gushimangira ubumwe, amahoro, ubusugire n'Umutekano by'Igihugu n'Iterambere. Uwo murage warakomeje bigaragarira mu bikorwa bitandukanye byakozwe

mu gihe cy'intambara yo kubohora igihugu kuva mu w' 1987-1994 mu maboko y'ubutegetse bubi bwarangwagamo igitugu, amacakubiri, irondakoko n'ironakarere, umuco w'akarengane, kuvutsa uburenganzira n'ubuzima mu banyagihugu bamwe, kwikanyiza ubutegetsi, ruswa n'inda nini, ubukene, ubujiji ndetse n'ubuhunzi.

Umurage w'ubwitange warakomeje na nyuma ya jenocide yakorewe abatutsi mu w'1994 aho abanyarwanda hafi ya bose bitanze mu kongera kubaka igihugu cyabo cyari cyarasenywe n'ubuyobozi bubi bwa mbere ya 1994.

Bimwe mu bikorwa by'ubwitange abanyarwanda bagizemo uruhare n'ibyerekeranye n'ubukangurambaga bugamije guhindura imyumvire y'abantu hagamijwe kugera ku bumwe, amahoro, imibereho myiza n'iterambere ry'Igihugu.

Urugero kuri bimwe mu bikorwa by'Ubwitange ni: ubukangurambaga mu kurwanya ingengabitekerezo y'amacakubiri na jenocide, abunzi, inyangamugayo za gacaca, komite nnyanama, umuganda, abajyanama b'ubuzima, abaturage mu kwicungira umutekano, ...

#### ***IV.5 Intego y'urugerero***

Urugerero rufite intego yo guhindura imitekerereze, imyitwarire n'imigirire y'urubyiruko rurangije amashuri yisumbuye; hashingiwe ku **Ndangagaciro** na **Kirazira** z'umuco nyarwanda, muri zo twavuga: **Ubunyarwanda, Gukunda Igihugu, Kubaka Ubumwe, kugendera ku kuri, ubumuntu gukukunda umurimo, Kwigira no Kwihesha Agaciro.**

***IV.6 Abajya ku rugerero:*** Urugerero rukorwa n'intore zatojwe, zimaze gusobanukirwa no kugira umuco wa gitore. Abajya ku rugerero banyura mu byiciro bitatu aribyo:

**1. Gutozwa**

**2. Gutumwa**

**3. Gusoza**

- 1. GUTOZWA:** Mu gihe cyo gutozwa, abitegura gutumwa ku rugerero batozwa mu masomo yerekeranye n'Indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira, gukunda icyiza no kwanga ikibi, kwirinda inda nini n' umururumba, amateka y'Igihugu, umutekano w'Igihugu, umuco wo gukunda igihugu na gahunda zerekeranye n'iterambere ry'Igihugu; by'umwihariko na none urubyiruko rutozwa kwimenyereza imirimo y'ubwitange bazakora mu gihe cy'urugerero .

*a. **Ikigamijwe mu gutoza Intore zitegura gutumwa, ni uguhindura imyumvire, imyitwarire n'Imigenzereze yazo kugira ngo zizafashe Abanyarwanda bose zizahura nabo guhindura imyumvire bimakaza umuco w, ubutore.***

- 2. GUTUMWA:** Gutumwa nu kohereza Intore zatojwe mu butumwa bwo gukora ibikorwa by'Ubwitange. Mu gihe cyo gutumwa hateganywa ko urugerero rw' amazi cumi n'abiri rukorwa mu byicyiro. Akaba ariyo mpavu intore zirangije amashuri yisumbuye zikora urugerero mu bihembwe bitandukanye.
- 3. GUSOZA:** Gusoza urugerero hateganwa ko Intore zisoza urugerero hategurwa igitaramo cy'Imihigi, bishimira ibikorwa by' indashyikirwa byagezweho no kugaya ibigwari byitwaye nabi mu gihe cy'urugerero. Abasoje urugerero bahabwa icyemezo cy'Ishimwe. Nukuvuga ko urugerero muri rusange rufite ingengabihe n'ibikorwa ngenderwaho biteganywa buri mwaka.

#### **IV.7 Ibikorwa ku rugerero**

Mu gihe cy'ubutumwa, Intore ziri ku rugerero, urugerero rukorwa buri munsu kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatatu (Iminsi 5 mu cyumweru) kandi bagakora igice cy'Umunsu. Intore zikorera urugerero ku rwego rw'Akugari batuyemo kugirango bateze imbere aho batuye ndetse no koroshya urugendo.

Ibikorwa bakora, bitoranwa n'Urwego rw'Akarere bikomezwa n'ubuyobozi bukuru bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero. Hari komite y'intore ishinze gukurikirana imikorere y'Urugerero ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagari. Intore ubwazo zitoramo intore yo ku Mukondo n'iziyungirije 2 ku rwego rw'Umurenge n'Akagari. Intore zo ku rugerero zigira igitabo cyo kwandikamo ibyo bagenda banyuramo byose (Diary). Dore bimwe mu bikorwa by'ingenzi intore zikora k'urugerero:

- 1° Ubukangurambaga,
- 2° Ibikorwa byamaboko,
- 3° Gukusanya imibare fatizo ikenewe mu itegurwa ry'igenamigambi,
- 4° Gutanga serivisi mu nzego zitandukanye, kandi ibyo byose bakora bakorera hamwe, bibafasha gukomeza ubumwe bw'Intore ziri ku rugerero ubwazo, bityo bigatuma inshingano zabo bafite zihutisha kuzamura imyumvire, imyitwarire, n'Imikorere y'Umuryango nyarwanda .

#### **IV.8 Igitabo cy'urugerero**

Iki twacyita nk'igitabo cyamateka yumuntu kugiti cye, kuko kigirwa n'intore yose iri kurugerero, kandi hategankwo ko iki gitabo intore iba igomba kukigumana igihe cyose cyubuzima bwayo. Bityo bikazayifasha kumenya aho iva naho yerekeza,

ikamenya icyo yakosora kitagenze neza mubyo yakoze nibyo yashyiramo imbaraga nyinshi kugira ngo bitange umusaruro kuriwe n'igihugu cy'e, ndetse nibikorwa by'intashyikirwa yageze ho byabera ikitekererezo izindi ntore.

#### **IV.9 Ingengabihe y'urugerero**

Urugerero rumara amezi 12 habariwemo n'igihe cyo gutozwa.

##### **a. Igihembwe cya mbere**

Igihembwe cya mbere cy'urugerero (gutozwa) gitangira bimaze kumvikantwa ho n'inzego z'ubuyobozi bw'igihugu n'ubwa komisiyo y'igihugu yitorero. Bemera igihe kizatangirira nigihe kizarangirira.

##### **b. Igihembwe cya kabiri**

Igihembwe cya kabiri cy'urugerero gitangira haba ho imihango ikurikira:

- i. Umuhango w'Intore mu zindi ku Kagari Intore zose zo mu Kagari zakira izivuye gutozwa.
- ii. Ubuyobozi bw'Akagari butangaza kumugaragararo ko Intore zitumwe ku rugerero mu Kagari.
- iii. Intore zitumwe ku rugerero zitoramo abaziyobora.

Hagakurikira ho gutangiza urugerero kumugaragararo rukamara igihe cyateganyijwe hanyuma hakaba ho ikiruhuko.

##### **c. Igihembwe cya gatatu**

Igihembwe cya gatatu cy'urugerero gitangira ikiruhuko cy'igihembwe cya kabiri kirangiye, hakabaho gukomeza ibikorwa batangiye; kigasozwa n'ibirori byateganyijwe ku rwego rw'umurenge. Aha intore zo ku rugerero zivuga ibigwi k'urwego rw'igihugu, nyuma zikajya mukiruhuko.

**d. Igihembwe cya kane**

Igihembwe cya kane cy'urugerero gitangira mu kwa cyenda kirangwa nibikorwa bidasanze nkuko bigaragara:

- a. Gutumwa ku rugerero muri Kaminuza, no mu Mashuri Makuru.
- b. Gutumwa ku rugerero mu tugari, mu mashuri no mu nzego z'imirimu.
- c. Mu mahanga.
- d. Gutangiza ku mugaragaro igihembwe cya kane cy'urugerero:

1° Muri Kaminuza no mu Mashuri Makuru.

2° Mu Tugari, mu mashuri no mu nzego z'imirimu.

3° Mu mahanga.

**e. Gusoza urugerero/Graduation.**

1° Muri Kaminuza, no mu Mashuri Makuru.

2° Mu tugari, mu mashuri no mu nzego z'imirimu.

3° Mu mahanga

**IV.10 Ubuyobozi butorwa mu Ntore zo ku Rugerero ubwazo n'inshingano zazo**

i. Intore yo ku mukondo:

- a. Ishinzwe guhuza ibikorwa by'Intore zo ku rugerero mu Kagari.
- b. Ahuza Intore zo ku rugerero n'ubuyobozi bw'Akagari n'Inzego z'Intore ku Kagari.
- c. Ashinzwe imyitozo ngororamubiri y'Intore ziri ku rugerero ku Kagari.

- ii. Intore zo ku ruhembe:
  - a. Intore yo ku ruhembe rw'iburyo ishinzwe kuvuga amacumu.
  - b. Intore yo ku ruhembe rw'ibumoso ishinzwe gushyushya igitaramo.

#### **IV.11 Ibiranga Intore yagiye ku rugerero**

Intore yagiye ku rugerero irurangiza imaze gukura mu rwego rw'ubutore kandi irangwa nibura n'ibi bikurikira:

1. Uburere mboneragihugu;
2. Umuco nyarwanda;
3. Ubuzima buzira umuze;
4. Ubumenyi bw'ibanze mu bya gisirikare;
5. Umuco w'isuku;
6. Ubumenyigiro.

#### **1. MU RWEGO RW'UBURERE MBONERAGIHUGU**

Mu rwego rw'Uburere mboneragihugu, buri Intore irangije urugerero igomba kuba izi kandi irangwa n'ibi bikurikira:

- i. Aho Igihugu cyavuye, aho kigeze n'aho kigana;
- ii. Kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu no gusesengura amagambo ayigize;
- iii. Kumenya **indamukanyo** n'amahame y'Intore no kubisesengura.
- iv. Kugira ishyaka aho iri hose ryo guharanira **UBUNYARWANDA bwubaka ubumwe byombi bikabyara** amahoro y'Igihugu cyayo **kandi ikagiteza** imbere;
- v. Gufata iyambere mu kwesa imihigo, no kubera abandi urugero.

## **2. MU RWEGO RW'UMUCO NYARWANDA**

Mu rwego rw'umuco nyarwanda Intore irangije urugerero irangwa n'umuco nyarwanda mu **mitekerereze**, mu **myifatire** mu **myambarire**, mu **mivugire** no mu **migirire**, **ikirinda inda nini n' umururumba ndetse igakunda icyiza ikanga ikibi**; ikaba kandi ishobora gukora nibura ibi bikurikira:

- i. Kumurikira abandi ubumenyi ifite mu bitaramo by'umuco w'u Rwanda;
- ii. Kubyina imbyino za kinyarwanda;
- iii. Guhamiriza, kwivuga n'ibindi;
- iv. Kuba Intore ifite icyivugo cy'Intore;
- v. Kuba Intore ifite icyivugo cyo ku rugerero.

## **3. UBUZIMA BUZIRA UMUZE**

Hatabaye ho impamvu z'uburwayi bwemejwe na muganga wemewe na Leta cyangwa indi mpamvu igaragara, Intore irangije urugerero igomba kuba ishohobora gukora imyitozo ngororamubiri mu buryo bukurikira:

- i. Kwiruka metero 1500 hagati y'iminota nibura 12 na 17.
- ii. Sit-ups nibura hagati ya 46 na 57 mu minota ibiri.
- iii. Press ups nibura hagati ya 16 na 46 mu minota ibiri.

## **4. UMUCO W'ISUKU**

Mu rwego rw'umuco w'isuku Intore irangije urugerero igomba kuba irangwa n'isuku ku mubiri (cyane cyane mummyanya y'ibanga no mukantwa), ku myambaro, aho irara, aho ikorera n'aho iri hose.

## **5. UBUMENYI NGIRO**

Buri Ntore irangije urugerero igomba kuba izi gukora nibura imirimo ikurikira:

- i. Gukora umurima w'igikoni.
- ii. Kwubaka amashyiga ya “Rondereza”
- iii. Gutera ibiti no kubifata neza.
- iv. Gukora imirwanyasuri.
- v. Gutandukanya imyanda ibora n'itabora.
- vi. Gukora ifumbire y'imborera.
- vii. Kubaka ikiraro cy'amatungo.
- viii. Gutegura indyo nyarwanda.
- ix. Kumenya gukoresha imbuga nkoranyambaga (social media)
- x. Kumenya gukorera nibura iby'ibanze kuri mudasobwa.

## **6. UBUMENYI BW'IBANZE MU BYA GISIRIKARE**

- i. Kumenya gutambuka badasobanya ( akarasisi ka gisirikare)
- ii. Kumenya ubwirinzi bwibanze.
- iii. Kugira ubumenyi bw' ibanze kumbunda, akamaro kayo, no kuyirashisha.
- iv. Imyitoto ya gisirikare y'ibanze.

#### **IV.12 Umusaruro igihugu gikesha urugerero**

Umusaruro uvuye ku Rugerero ubuneka mu ibyiciro bitatu bikurikira:

##### **IV.12.a Ku witabiriye urugerero:**

- 1° Ubumenyi n'Uburambe babona mu gihe bari mu bikorwa by'Ubwitange bubafasha gutegura ejo habo hazaza
- 2° Imirimo y'Ubwitange ibafasha guhindura imyumvire imyitwarire, n'imigenzereze bitewe n'Ubumenyi n'uburambe bungutse by'umwihariko mu mirimo bakoze bari ku rugerero
- 3° Ibikorwa by'ubwitange bituma ababigizemo uruhare bagira ibiyumviro, ishema, n' ibyishimo by' uko bagize uruhare mw' iterambere n' imibereho myiza yabanyarwanda.
- 4° Abakora urugerero bunguka indangagaciro z'Ubumwe, urugwiro, impuhwe, kwitanga, umutimanama, ubunyangamugayo, no gukunda igihugu cyabo no ku kitangira.

##### **IV.12.b Ku muryango nyarwanda**

- 1° Iterambere rirambye ry'abaturage
- 2° Gushyirahamwe no kuzuzanya kwabatuye hamwe bishingiye ku bikorwa by'ubwitange bibahuza hagamijwe kwizamura mu imibereho yabo
- 3° Guhuza no kongera ingufu z'ubumwe n'imibanire y'abaturage bigamije guteza imbere umuco w'ubwiyunge, no kubabarirana.
- 4° Ubwitange bufasha kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo muri rusange no kuyesa.
- 5° Ubwitange butuma abanyarwanda bongera gushyikirana

neza kuko baturira mubikorwa bibateza imbere. Bityo ingeso mbi yo gukekakekana igasigara aho ahobwo bakarushaho kwimakaza umuco w' amahoro.

#### **IV.12.c Ku gihugu**

- 1° Ibwitange buzafasha mu kwihutisha gahunda za goverinoma n'Icyerecyezo 2020
- 2° Ubwitange bufasha igihugu kuzamura ibipimo kihaye by'Iterambere
- 3° Ibikorwa by' ubwitange buhesha ishema igihugu muruhando rw' amahanga
- 4° Ibikorwa by' ubwitange ni intwari yo kubaka ubumwe burambye mubanyarwanda.
- 5° Ibikorwa by' ubwitange byongerera igihugu igitinyiro n' ikizere muruhando rw' amahanga.

#### **UMWANZURO**

Ibihugu bikomeye cyane ku isi byatejwe imbere n'Urugerero. Urwanda rero rwahisemo kugarura urugerero nk' uburyo bwo kubaka Umunyarwanda mushya ujjanyane n'Icyerekezo 2020. Urugerero rukorerwa mu gihugu no mu mahanga aho intore yiga cyangwa ikora. (Diary) y'Urugerero ni uburyo bwo kwihesha agaciro twiyandikira amateka.

**V. IMITUNGANYIRIZE Y'UBWITANGE N'URUHARE  
RWA BWO MU KUBAKA UMUCO W'UBUTORE NO  
KWIHUTISHA ITERAMBERE RY'IGIHUGU**

**V.1 Intangiriro**

Gukorera ubushake/ubwitange byashinze imizi mu muco nyarwanda. Kwitanga mu muco nyarwanda byagaragariraga mu bwitange no mu gufashanya no kwita ku banyantegenke no gutanga umuganda. Byakorwaga hagamijwe gukemura ibibazo by'ubukene ku bantu ku giti cyabo cyangwa umuryango nyarwanda.

Nk'uko uyu muco waranze abakurambere bacu, Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yongeye gutanga umurongo mugari w'imikorere ishingiyeye kuri Politike y'Igihugu y'ubukorerabushake yemejwe n'inama y'abaminisitiri yo kuwa **10/10/2012**.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero nk'urwego rwa Leta rushinzwe gushyira mu bikorwa Politike y'Igihugu y'ubukorerabushake, yongeye gutanga umurongo w'imikorere ishingiyeye kuri Politike y'Igihugu y'ubukorerabushake. Byose bikaganisha ku **kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ufite indangagaciro na kirazira z'Umuco Nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore.**

**V.2 Intego**

Nyuma y'isomo Intore zizaba zisobanukiwe imiterere n'imikorere y'Ubwitange mu Rwanda.

**Ibikubiye mu kiganiro**

1. Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi,
2. Ubwitange mu Rwanda rwo hambere,

3. Intego y'Ubwitange mu Rwanda rwa none,
4. Inshingano za NIC zihariye ku bwitange
5. Imyitwarire ya gitore mu bikorwa by'ubwitange
6. Kugorora Intore yateshutse iri mu bikorwa by'ubwitange
7. Urwego rushinzwe guhuza ibikorwa by' ubwitange
8. Gutoza Intore zizatumwa mu bikorwa by'ubwitange
9. Ibisobanurirwa Intore mbere yo gutangira ibikorwa by'ubwitange
10. Gutoza Intore mu gihe iri mu butumwa bw'ubwitange
11. Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukorera ubwitange
12. Ibisabwa kugira ngo umuryango uhuza ibikorwa by'ubwitange wemererwe gukorera mu Rwanda
13. Uko ushaka gukorera ubwitange mu Rwanda abisaba
14. Gusubiza ubusabe bw'ushaka gukora ibikorwa by'ubwitange
15. Uko urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Igihugu rubisaba
16. Gusubiza ubusabe bw'urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Igihugu
17. Uko urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Akarere rubisaba
18. Gusubiza ubusabe bw'urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Akarere
19. Uko urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Umurenge rubisaba

20. Gusubiza ubusabe bw'urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Umurenge
21. Ibikorwamo ubwitange
22. Gushyigikira ubwitange
23. Abakora ibikorwa by'ubwitange abo aribo
24. Igihe gukorera ubwitange bimara
25. Amasezerano yo gukorera ubwitange
26. Kurangira kw'amasezerano yo gukorera ubwitange
27. Inshingano z'ukorera ubwitange
28. Uburenganzira bw'ukorera ubwitange
29. Gutanga raporo y'ibikorwa by'ubwitange
30. Agaciro mu mafaranga k'ibikorwa by'ubwitange
31. Gushima urangije ibikorwa by'ubwitange
32. Imikoranire ya NIC n'inzego za Leta zifite abakorera ubwitange
33. Imikoranire ya NIC n'imiryango nyarwanda itari iya Leta ifite abakorera ubwitange
34. Imikoranire ya NIC n'imiryango mvamahanga itari iya Leta ifite abakorera ubwitange
35. Imikoranire ya NIC n'umuryango ushamikiye ku idini ufite abakorera ubwitange
36. Uruhare rw'ubwitange mu kwezi kw'indangagaciro
37. Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'ubwitange
38. Umwanzuro
39. Inyandiko zifashishijwe.

40. Indirimbo

41. Amajwi n'amashusho

### **V.3 Ibisobanuro by'amagambo**

- 1. Ubwitange:** Umuco wo gukora imirimo iteza imbere Igihugu kubera urukundo ugifitiye n'abagituye ukabikora nta gihembo utegereje.
- 2. Ubutore:** **kugira imyumvire, imyifatire, imyitwarire n'imikorere byimakaza indangagaciro** z'Ubunyarwanda, gukunda Igihugu, Ubunyangamugayo, Ubutwari, Ubwitange, Gukunda umurimo no kuwunoza no kwihesha agaciro.
- 3. Gukunda Igihugu:** gukunda bene cyo n'abagituye nta kurobanura, gukunda ibikigize byose nk'ubutaka, ururimi n'umuco no kumenya amateka yacyo, kugikorera no kugira ishyaka rya cyo, kubumbatira umutekano n'ubusugire bwacyo, kukirwanirira harimo ishyaka ryinshi, kwitanga ukaba wanagipfira bibaye ngombwa byo bigihesha agaciro.
- 4. Kurengera Igihugu:** gutanga imbaraga, umutungo wawe cyangwa byombi ugamije kubumbatira ubusugire, ituze by'Igihugu cyawe no kukirinda kugwa mu kaga.
- 5. Gukunda umurimo:** ukuwukorana ingoga, ukawunoza kandi wumva ko ufite akamaro bigatuma uwukora uwishimiye kandi uzirikana ko utikorera ubwawe ahubwo ukorera abandi bityo ukarwana ishyaka ry'abo uwukorera.
- 6. Kwihesha agaciro:** kugira imyumvire, imyifatire n'imigirire bituma umuntu agira icyo yimarira, icyo amarira abandi n'icyo amarira Igihugu, bityo ijabo rye

rikamuhesha ijambo mu bandi.

- 7. Indangagaciro:** Indangagaciro ni imyumvire, imitekerereze, imyifatire n'imigirire iranga abenegihugu runaka bemera kandi barata bibahesha agaciro, bifuza ko byahora bibaranga bikanabitirirwa uko ibihe biha ibindi, bityo bikaba amahame y'uburere atozwa abana b'umuryango.
- 8. Kirazira:** imyitwarire iyo ariyo yose inyuranyije n'indangagaciro n'amahame shingiro abantu bagenderaho kugira ngo babane neza kandi bafatanye kubaka Igihugu. Iri jambo kandi risobanura ikintu cyaciwe n'umuco w'Igihugu kandi gishobora kugirira ingaruka mbi umuntu ukirenzeho. Kirazira itunga agatoki ingeso mbi ikabwira buri wese ko agomba kuzirinda.
- 9. Kuremera:** guha umuntu inkunga y'ibintu n'ibitekerezo bimufasha kwigira
- 10. Gutabara:** igikorwa cyo kugoboka abandi mu bibazo no mu byago.
- 11. Gufasha abandi:** igikorwa kigoboka undi mu kumuha amaboko, ibintu, amafaranga, inama cyangwa undi musanzu bigamije kumuteza imbere. Uzirikana ko utagira agaciro hari abababaye iruhande rwawe.
- 12. Gushyigikira ubwitange:** ni ugufsha cyangwa korohereza abari mu gikorwa cy'ubwitange bitabuza ko na we akora ibikorwa by'ubwitange.
- 13. Umutoza:** Intore itoranywa mu zindi hashingiwe ku muco w'Ubutore uyiranga, ubumenyi bwihariye igaragaza, ubunararibonye cyangwa ibikorwa by'indashyikirwa yagezeho, igashingwa kubitoya abandi.

**14. Iterambere:** Ni intambwe igana:

- **ku buzima bwiza kandi buramba;**
- **ku bumenyi bukemura ibibazo;**
- **ku kwihaza mu bikoresho nkenerwa bya buri muni;**

**15. Igihugu:** Igice cy'ubutakagifite imbibi zizwi, Abanyagihugu n'ubuyobozi buhamye.

#### ***V.4 Ubwitange mu Rwanda rwo hambere***

Mu Rwanda gukorera Ubwitange byagaragariraga mu bikorwa rusange abaturage bahuriramo nk'umuganda, ubudehe, umusanzu,...

Abanyarwanda bo mu Rwanda rwa mbere y'ubukoloni bitangiye kubaka no kuyobora Igihugu cyabo bikigeza kuri byinshi by'ingenzi, ariyo mpamvu iyo mikorere ikwiye gukomeza gukoreshwa.

Ubwitange bwatumye u Rwanda rugira ibigwi bikurikira:

- U Rwanda ruratera ntiruterwa;
- Imana yirirwa ahandi igataha i Rwanda;
- U Rwanda rutemba amata n'ubuki.

#### ***V.5 Intego y'Ubwitange mu Rwanda rwa none***

Guverinoma y'u Rwanda yakoresheje uburyo bw'ubwitange ahantu hanyuranye nko mu nzego z'ibanze, mu butabera, mu buzima n'ahandi kugira ngo igere ku bikorwa by'Iterambere.

Intego nkuru ya politiki y'Ubwitange ni ugukoresha uburyo bwo kwitangira ibikorwa by'iterambere mu rwego rwo gushaka abantu babishoboye kandi b'inzobere mu byo bakora kugira ngo babe imbarutso z'impinduka mu mibereho n'iterambere ry'abaturage.

**Inshingano za NIC zihariye ku bwitange:**

Mu rwego rwo guteza imbere ubwitange, by'umwihariko NIC ifite inshingano zikurikira:

1. Gukangurira Abanyarwanda gahunda yo gukorera ubwitange n'ibyiza byayo ku bayigiramo uruhare, mu kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu.
2. Gukora ubuvugizi kugira ngo ibikorwa by'ubwitange bishyirwe mu igenamigambi ry'ibikorwa bya Leta kugira ngo biteganyirizwe ingengo y'imari ku nzego zose harimo Ibigo n'Uturere;
3. Gushyiraho uburyo bunoze bwo guhuriza hamwe ibikorwa by'ubwitange mu gihugu no mu mahanga kugira ngo bigirire Igihugu akamaro;
4. Gushyiraho uburyo bunoze bwo kuyobora ibikorwa by'ubwitange kugira ngo ibibazo biboneka mu gushaka abakorera ubwitange, mu masezerano abagenga, mu butumwa bajyamo bwo kwitanga, mu myitozo bakora, mu nyigisho bahabwa, mu kugenzura no kubashima.
5. Gushyiraho uburyo uruhare rw'abantu bakorera ubwitange ku giti cyabo ruzajya rumenyekana kandi bakabishimirwa, uko bazajya babifashwamo, umutekano wabo n'ibyabo mu gihe bari mu butumwa bwo kwitanga;
6. Gushyiraho uburyo bwo guha agaciro imbaraga abakorera ubwitange bashyira mu bikorwa by'iterambere no gushyira ibyakozwe muri gahunda y'ubwitange mu gaciro k'amafaranga.

## **Imyitwarire ya gitore mu bikorwa by'ubwitange:**

Buri Ntore iri mu bikorwa by'ubwitange ihora izirikana kudatira igihango yagiranye n'Igihugu mu kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore biranga uwahawe iryo zina.

## **Kugorora Intore yateshutse iri mu bikorwa by'ubwitange**

Intore yateshutse iri mu bikorwa by'ubwitange igororwa mu buryo bukurikira:

1. Gukeburwa
2. Kugirwa inama
3. Gucyahwa
4. N'ubundi buryo bwagenwa n'ubuyobozi bw'Itorero ku rwego akoreramo

## **Urwego rushinzwe guhuza ibikorwa by' ubwitange**

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero niyo ishinzwe guhuza ibikorwa by'ubwitange n'abakorera ubwitange mu Rwanda baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga. Ishinzwe kandi gutanga imirongo ngenderwaho, gufasha, gukurikirana no kugenzura ishysterwa mu bikorwa rya politiki y'ubwitange mu Rwanda.

Binyuze mu nama y'abafatanyabikorwa ba gahunda y'ubwitange, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ikora gahunda y'ibikorwa by'abakorera ubwitange ikanahuza izo nzego.

## **Gutoza Intore zizatumwa mu bikorwa by'ubwitange**

Mbere yo gutumwa mu bikorwa by'ubwitange Intore igomba kuba yaratorejwe mu Itorero ry'Igihugu rikorerwa mu Mudugudu, mu mashuri, ku rugerero no mu nzego z'imirimo.

Mu Itorero ry'Igihugu Intore iba yaratojwe ibi bikurikira:

1. Kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira Abanyarwanda basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere;
2. Kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho;
3. Kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro;
4. Kuba Intore ibereye Igihugu ihamyeye kandi ikaba umusemburo w'impinduka nziza;
5. Kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu;
6. Kugira umuco w'ishyamba n'ishema ryo guhiga no kwivuga ibigwi;
7. Gutoza abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira ishamba ryo kuba indashyikirwa.

### **Ibisobanurirwa Intore mbere yo gutangira ibikorwa by'ubwitange**

Mbere yo gutangira ibikorwa by'ubwitange Intore isobanurirwa n'umukuru w'Intore mu rwego igiye gukoreramo, imiterere y'aho igiye gukora, ibyo igiye gukora, uko bizakorwa n'imitangire ya raporo.

### **Gutoza Intore mu gihe iri mu butumwa bw'ubwitange**

Intore iri mu butumwa bw'ubwitange ikomeza gutorezwa hamwe n'Intore z'urwego ikoreramo ubwitange, biyifasha gukomeza kwimakaza Indangagaciro na Kirazira, umuco w'ubutore no kwihutisha iterambere aho yatumwe.

## **V.6 Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukorera ubwitange**

Kugira ngo umuntu yemererwe gukorera ubwitange agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba yaratojwe indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda no kwimakaza umuco w'ubutore
2. Kuba afite ubumenyi n'ubushobozi bijyanye n'ibyo yifuza gukoramo ubwitange
3. Kuba yiyemeje kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda n'umuco w'ubutore
4. Kuba afite umwanya uhagije hakurikijwe imiterere y'igikorwa cyagenwe yifuza gukoramo ubwitange

## **Ibisabwa kugira ngo umuryango uhuza ibikorwa by'ubwitange wemererwe gukorera mu Rwanda**

Kugira ngo umuryango uhuza ibikorwa by'ubwitange wemererwe gukorera mu Rwanda ugomba kuba wujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ufite ubuzima gatozi
2. Kuba waremerewe n'urwego rubifitiye ububasha gukorera mu Rwanda
3. Kuba ufite abantu biyemeje kwitanga bafite ubumenyi n'ubushobozi buhagije mu byo wifuza gukoramo ubwitange
4. Kuba wemera kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore
5. Kwerekana gahunda y'ibikorwa n'aho bizakorera
6. Kuba abayobozi b'uwo muryango batarangwaho umuco ubangamiye indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda

## **Uko ushaka gukorera ubwitange mu Rwanda abisaba**

Usaba gukorera ubwitange yuzuzwa inyandiko itegurwa na NIC iboneka ku cyicaro cyayo, kuri web site yayo, mu buyobozi bw'Itorero ku Kagari, mu mashuri, mu buyobozi bw'Intore zo ku rugerero ku Kagari cyangwa mu nzego z'imirimu.

Mu gihe bibaye ngombwa, ukorera ubwitange yoherezwa gukorera ahandi hatari aho yahisemo; muri icyo gihe yoroherezwa mu byo akenera by'ibanze.

Inyandiko yuzuzwa n'usaba gukorera ubwitange ishyirwaho umukono n'umukuru w'Intore ushaka gukorera ubushake abarizwamo.

## **Gusubiza ubusabe bw'ushaka gukora ibikorwa by'ubwitange**

Urwego ushaka gukora ibikorwa by'ubwitange yasabye gukoreramo rumwandikira rumwemerera cyangwa rumwangira mbere y'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe ubusabe bwatangiwe. Iyo iminsi cumi n'itanu (15) irenze nta gisubizo gitanzwe, bifatwa ko ubusabe bwanzwe.

Iyo urwego rwemeraye ukorera ubwitange gukorera iwabo, bimenyeshwa NIC mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yamenyesherejwe ko yemerewe.

## **V.7 Uko urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Igihugu rubisaba**

Urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Igihugu, rukoresheje inyandiko, rubisaba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero. Inyandiko isaba igaragaza akazi gakenewe gukorwa n'ibyo bifuzwa ko ukorera ubwitange yaba yujuje, aho gakorera n'igihe akazi kazamara,

ibizakenerwa muri ako kazi n'aho bizava.

### **Gusubiza ubusabe bw'urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Igihugu**

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, isubiza urwego rwasabye abakorera ubwitange ikoresheje urwandiko rubemerera cyangwa rubangira mbere y'iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yagerejweho ubusabe. Iyo iminsi mirongo itatu (30) irenze nta gisubizo gitanzwe, bifatwa ko ubusabe bwanzwe.

### **Uko urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Akarere rubisaba**

Urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Akarere, rukoresheje inyandiko igaragaza umubare ukenewe, ibizakorwa, aho bizakorera, igihe bizamara, ibizakenerwa n'aho bizava, rubisaba Umuyobozi w'Akarere ari nawe mukuru w'Itorero mu Karere rukabimenyesha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero.

### **Gusubiza ubusabe bw'urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Akarere**

Amaze kugisha inama Komite Mpuzabikorwa y'Itorero mu Karere bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yagerejweho ubusabe, Umukuru w'Itorero mu Karere asubiza urwo rwego akabimenyesha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero.

### **Uko urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw'Umurenge rubisaba**

Urwego rwo mu nzego zegerejwe abaturage rukeneye abakorera ubwitange, rukoresheje inyandiko igaragaza umubare ukenewe, ibizakorwa, aho bizakorera,

igihe bizamara, ibizakenerwa n’aho bizava, rubisaba Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge ari nawe mukuru w’Itorero ku Murenge rukabimenyesha Ubuyobozi bw’Akarere n’ubwa Komisiyo y’Igihugu y’Itorero.

**Gusubiza ubusabe bw’urwego rukeneye abakorera ubwitange ku rwego rw’Umurenge**

Amaze kugisha inama Komite Mpuzabikorwa y’Itorero ku Murenge no kubona abazajya muri ibyo bikorwa by’ubwitange bitarenze iminsi cumi n’itanu (15) uhereye igihe yagerejweho ubusabe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge asubiza urwo rwego akabimenyesha Ubuyobozi bw’Akarere n’ubwa Komisiyo y’Igihugu y’Itorero.

Iyo asubije yemerera urwo rwego, mu ibaruwa isubiza hagaragamo ibi bikurikira:

- a. Itariki n’ahantu urwego rwasabye ruzahurira n’abakorera ubwitange rwasabye kugira ngo bumvikane kuri gahunda y’ibizakorwa n’imikoranire,
- b. Kwibutsa ibyemewe n’ibibujijwe ukorera ubwitange n’imikoranire ye n’urwego rwamusabye.
- c. Kwibutsa ko bitarenze iminsi cumi n’itanu (15) urwo rwego ruzaha ubuyobozi bw’umurenge raporo igaragaza imigendekere y’ibikorwa by’ubwitange n’agaciro kabyo mu mafaranga. Iyo raporo ishyirwaho umukono n’umukuru w’urwego hamwe n’abakoze ubwitange, bikamenyeshwa ubuyobozi bw’Akarere na Komisiyo y’Igihugu y’Itorero.

Iyo asubije yangira urwo rwego, mu ibaruwa isubiza

hagaragaramo impamvu yatumye urwego rwangiwe guhabwa abakorera ubwitange.

### **V.8 Ibikorwamo ubwitange**

1. Imirimo ijyanye n'ubuhanga bwihariye
2. Imirimo n'ubumenyi ngiro
3. Ibikorwa byo kujya inama no kugoboka abandi.
4. Imirimo y'amaboko
5. Kubumbatira umutekano
6. Kwita ku bandi
7. Gufashanya no guhana umuganda
8. Kwakira imfubyi n'inshike mu muryango
9. Ubukangurambaga kuri gahunda za Leta
10. Ibindi byagenwa n'Inteko y'Intore kuri buri rwego

### **Gushyigikira ubwitange**

Gutanga ibintu cyangwa amafaranga bigamije gushyigikira ubwitange binyuzwa mu buyobozi bw'itorero ku rwego rukorerwaho ubwitange.

### **V.9 Abakora ibikorwa by'ubwitange abo aribo**

Ibikorwa by'ubwitange bishobora gukorwa n'aba bakurikira:

1. Abantu bafite ubumenyi n'ubuhanga bwihariye: abantu bari mu kazi cyangwa batari mu kazi bafite ubumenyi n'ubuhanga butandukanye.
2. Abantu bafite akazi gahoraho: abantu bakora akazi ku buryo buhoraho, bafite ubumenyi n'ubuhanga bwihariye cyangwa batabufite ariko bahora mu kazi buri muni.

3. Abanyarwanda baba mu mahanga: abanyarwanda baba mu mahanga kandi bashobora gukorera Igihugu cyabo ibikorwa by'ubwitange mu mirimo imwe n'imwe ijyanye n'ubumenyi n'umwanya bafite.
4. Abanyamahanga: abanyamahanga babo mu Rwanda cyangwa baturutse hanze y'u Rwanda bafite ubumenyi n'ubushobozi mu mirimo itandukanye.

### **V.10 Igihe gukorera ubwitange bimara**

Gukorera ubwitange bimara igihe cyumvikanwaho n'ugiyeye gukora ibikorwa by'ubwitange n'urwego agiyeye gukoreramo, bikorwa hashingiwe ku bwoko bw'igikorwa agiyeye gukora cyangwa ugiye gukorera ubwitange uwo ariwe.

Igihe gukorera ubwitange bizamara kigaragazwa mu masezerano y'ubwitange akorwa hagati y'ukorera ubwitange n'urwego rwamwakiriye.

### **V.11 Amasezerano yo gukorera ubwitange**

Igihe cyose, ukora ubwitange, mbere yo gutangira ibikorwa by'ubwitange hakorwa amasezerano hagati ye n'urwego rwamwakiriye. Umukuru w'Intore z'aho Intore iri mu bikorwa by'ubwitange ibarizwa nawe asinya kuri ayo masezerano nk'umuhamba wayo. Ibigomba kuba biri muri ayo masezerano bigenwa na NIC.

### **Kurangira kw'amasezerano yo gukorera ubwitange**

Mu gihe hari impamvu ikomeye, amasezerano yo gukorera ubwirange ashobora guseswa biturutse ku ukora ibikorwa by'ubwitange cyangwa ku rwego rwamwakiriye. Bishobora no guturuka kuri NIC mu gihe ifite impamvu ikomeye itaramenywe n'urwo rwego.

Iyo amasezerano yo gukorera ubwitange arangiye uwakoze kandi akarangiza ibikorwa by'ubwitange akomeza kubarirwa mu bakoreye Igihugu ibikorwa by'ubwitange byagiteje imbere. Ntibikuraho kandi ko ashobora kuzongera kugikorera ibindi bikorwa by'ubwitange.

### **V.12 Inshingano z'ukorera ubwitange**

Ukorera ubwitange afite inshingano zikurikira:

1. Kurangwa n'umuco w'ubutore aho akorera
2. Gukurikiza ibikubiye mu masezerano yo gukorera ubwitange
3. Gukorana ubwitange imirimo yiyemeje adategereje igihembo na kimwe
4. Gukurikiza amategeko n'amabwiriza akoreshwa n'urwego rwamwakiriye
5. Gukurikiza andi mategeko akoreshwa

### **V.13 Uburenganzira bw'ukorera ubwitange**

Urwego rwakiriye ukorera ubwitange rumugenera ibya ngombwa bikenewe bituma abasha gushyira mu bikorwa ibyo yiyemeje bikubiye mu masezerano bagiranye.

### **Gutanga raporo**

Buri Ntore cyangwa umuryango iri mu gikorwa cy'ubwitange ikora raporo ishingiyeye ku bikubiye mu masezerano yo gukorera ubwitange yagiranye n'urwego rwayakiriye.

Urwego rwakiriye ukorera ubwitange narwo ruha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero kopi y'iyi raporo hamwe n'inshamake igaragaza ibyagezweho n'iyi Ntore n'agaciro kabyo mu mafaranga, ingorane yahuye nazo n'inama

itangwa kugira ngo ubwitange butange umusaruro wifuzwa.

### **Agaciro mu mafaranga k'ibikorwa by'ubwitange**

Buri mwaka, NIC igaragaza raporo irimo ibyakozwe muri gahunda y'ubwitange, agaciro kabyo mu mafaranga n'uruhare byagize mu iterambere rusange ry'Igihugu. Iyi raporo iyo imaze kwemezwa, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero iyishyikiriza Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze mbere y'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yemerejwe.

### **Gushima urangije ibikorwa by'ubwitange**

Iyo Intore irangije neza imirimo yiyemeje gukora ibishimirwa mu ruhamwe rw'Inteko y'Intore y'urwego yakoreyemo ubwitange kandi igahabwa icyemezo gihamya ko yakoze neza. Iyo ari Intore zibumbiye mu muryango buri Intore ihabwa icyemezo ku giti cyayo ariko n'umuryango ukagenerwa icyemezo cy'ishemwe. Iki cyemezo kigenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero.

### **V.14 Imikoranire ya NIC n'inzego za Leta zifite abakorera ubwitange**

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero isinyana amasezerano y'imikoranire n'urwo rwego aha NIC uburyo bwo gukurikirana ko indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda byimakazwa muri iyo gahunda y'ubwitange.

Ayo masezerano kandi aha NIC uburyo bwo kumenya agaciro k'ibikorwa by'ubwitange byakorewe muri urwo rwego n'uruhare rwabyo mu kwihutisha iterambere ry'Igihugu.

Inyandiko igaragaza imiterere y'ayo masezerano yumvikanwaho hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'urwo rwego.

**V.15 Imikoranire ya NIC n'imiryango nyarwanda itari iya Leta ifite abakorera ubwitange**

- a. Komisiyo y'Igihugu y'Itorero isinyana amasezerano y'imikoranire n'uwo muryango aha NIC uburyo bwo gukurikirana ko indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda byimakazwa muri iyo gahunda y'ubwitange.
- b. Ayo masezerano kandi aha NIC uburyo bwo kumenya agaciro k'ibikorwa by'ubwitange byakorewe muri uwo muryango n'uruhare rwabyo mu kwihutisha iterambere ry'Igihugu.
- c. Inyandiko igaragaza imiterere y'ayo masezerano yumvikanwaho hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'uwo muryango.

**V.16 Imikoranire ya NIC n'imiryango mvamahanga itari iya Leta ifite abakorera ubwitange**

- 1° Komisiyo y'Igihugu y'Itorero isinyana amasezerano y'imikoranire n'uwo muryango aha NIC uburyo bwo gukurikirana ko indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda byimakazwa muri iyo gahunda y'ubwitange.
- 2° Ayo masezerano kandi aha NIC uburyo bwo kumenya agaciro k'ibikorwa by'ubwitange byakorewe muri uwo muryango n'uruhare rwabyo mu kwihutisha iterambere ry'Igihugu.
- 3° Mbere yo gutangira ibikorwa by'ubwitange mu Rwanda, abakorera ubwitange bo mu miryango mvamahanga bategurirwa na NIC amahugurwa yo kubatoza kumenya

indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda n'uko umuco w'ubutore wimakazwa bigomba kubahirizwa mu bikorwa by'ubwitange bajemo, bagahabwa icyemezo cy'uko batojwe.

- 4° Ingengo y'imari ikoreshwa kuri aya mahugurwa itangwa n'uwo muryango.
- 5° Inyandiko igaragaza imiterere y'ayo masezerano yumvikanwaho hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'uwo muryango.

### ***V.17 Imikoranire ya NIC n'umuryango ushamikiye ku idini ufite abakorera ubwitange***

- 1° Komisiyo y'Igihugu y'Itorero isinyana amasezerano y'imikoranire n'umuryango ushamikiye ku idini n'uwo muryango aha NIC uburyo bwo gukurikirana ko indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda byimakazwa muri icyo gahunda y'ubwitange.
- 2° Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 7 y'aya mabwiriza (Mbere yo gutumwa mu bikorwa by'ubwitange Intore igomba kuba yaratorejwe mu Itorero ry'Igihugu rikorera mu Mudugudu, mu mashuri, ku rugerero no mu nzego z'imirimu) abakora ibikorwa by'ubwitange mu muryango ushamikiye ku idini, mbere yo gutangira ibikorwa by'ubwitange, NIC ibategurira amahugurwa yo kumenya indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda n'uko umuco w'ubutore wimakazwa bigomba kubahirizwa mu bikorwa by'ubwitange bagiyemo. Ingengo y'imari ikoreshwa kuri aya mahugurwa itangwa n'uwo muryango.
- 3° Ayo masezerano kandi aha NIC uburyo bwo kumenya agaciro k'ibikorwa by'ubwitange byakorewe muri urwo rwego n'uruhare rwabyo mu kwihutisha iterambere

ry'Igihugu.

Inyandiko igaragaza imiterere y'ayo masezerano yumvikanwaho hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'uwo muryango.

### **Uruhare rw'ubwitange mu kwezi kw'indangagaciro**

Mu kwezi kw'indangagaciro kwizihizwa buri mwaka muri Kamena, abakora ibikorwa by'ubwitange bamurika ibikorwa byabo by'indashyikirwa, agaciro kabyo mu mafaranga n'imihigo bafite.

Buri mwaka Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itanga gahunda y'imitunganyirize y'ukwezi kw'indangagaciro abakorera ubwitange bakayimenyeshwa.

### **V.18 Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'ubwitange**

- 1° Buri mwaka ku itariki ya 05 Ukuboza hizihizwa umunsi mpuzamahanga w'ubwitange washyizweho n'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemezo 40/212 cyo ku wa 17/12/1985.
- 2° Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'ubwitange bigamije gukangurira abantu bose kugira umuco w'ubwitange. Kuri uwo munsi haba kumurika no kwishimira ibimaze kugerwaho n'imiryango cyangwa abantu ku giti cyabo bakora ibikorwa by'ubwitange no gusuzuma intambwe imaze guterwa muri gahunda y'ubwitange. Ni umwanya kandi wo gushimira indashyikirwa zagaragaye uwo mwaka mu bikorwa by'ubwitange.
- 3° Mu Itorero ryo ku Mudugudu, mu mashuri, ku rugerero no mu nzego z'imirimo Intore zizihiza uyu munsi.
- 4° Buri mwaka, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero igena gahunda y'imitunganyirize y'uwo munsi ku rwego rw'Igihugu.

## **Umwanzuro**

Gahunda y'Ubwitange igamije kwihutisha iterambere ry'Igihugu n'inzira u Rwanda rwiyeje yo kwigira.

Buri munyarwanda nashishikazwa no kwitangira Igihugu cye, u Rwanda ruzongera rugire ibigwi nk'ibyo rwahoranye mu gihe cy'abakurambere bacu.

## **Inyandiko zifashishijwe:**

1. Amabwiriza ya Perezida wa NIC n° 01/2013 yo ku wa 12/11/2013 agenga imikorere y'intore n'uruhare rwazo muri gahunda yo guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere
2. Amabwiriza ya perezida wa NIC no 03/2014 yo ku wa 04/04/2014 agena imitunganyirize y'ubwitange n'uruhare rwabwo mu kubaka umuco w'ubutore no kwihutisha iterambere ry'igihugu
3. Itegeko n° 41/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo
4. Nation, nationality, citizenship by Lt Gen Ceasar KAYIZARI, Army Chief Of Staff; Gako, 28/07/2011
5. Politiki y'igihugu y'ubukorerabushake mu Rwanda, kigali nyakanga 2012

## **Indirimbo:**

1. Rwanda Nziza/**Indirimbo y'Igihugu;**
2. Gihugu cyatubyaye; **RDF- Military Band**
3. Umugabo ni usohoza ubutumwa; **RDF- Military Band**

Amajwi n'amashusho:

## *Intore ntiganya ishaka ibisubizo*

1. Video, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame mu Nteko Ishinga Amategeko atangiza Itorero ry'Igihugu, 16/11/2007
2. Amafoto y'abayobozi bakuru mu muganda
3. Amafoto y'Abunzi/ Inyangamugayo z'inkiko Gacaca
4. Amafoto ya RPA/ INKOTANYI mu rugamba rwo kubohora Igihugu
5. Amafoto y'umunsi mpuzamahanga w'ubukorerabushake

**VI. IMITERERE N'IMITUNGANYIRIZE Y'ICYUMBA  
CY'INDASHYIKIRWA N'URUHARE RWACYO MU  
KWIMAKAZA UMUCO W'UBUTORE**

**VI.1 Iriburiro**

Abanyarwanda bo hambere baranzwe n'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda bahanga u Rwanda ruvamo ubukombe, politiki ya mpatsibihugu n'ubuyobozi bubi u Rwanda rwagize kuva mugihe cy'ubukoloni kugeza kuri jenoside yakorewe abatutsi muri **1994** byashenye u Rwanda.

Mu rwego rwo kongera gutoza ababyiruka umuco w'ubutore, NIC yateganije icyumba cy'indashyikirwa mu rwego rwo kubungabunga umurage n'umuco w'indashyikirwa waranze abakurambere b'Intwari n'ibikorwa by'indashyikirwa aho Itorero ry'Igihugu ryongeye guhabwa inshingano yo gutoza abanyarwanda indangagaciro. Icyumba cy'indashyikirwa rero kikaba uburyo bumwe bwo gutoza abakigana kwimakaza umuco w'Ubutore.

**V.2 Intego**

Nyuma y'isomo Intore zizaba zisobanukiwe imiterere n'ibyangombwa mu cyumba cy'indangagaciro.

**VI.3 Ibikubuye mu kiganiro**

1. Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi,
2. Ahateganywa icyumba cy'Indashyikirwa
3. Ibyangombwa mu cyumba cy'Indashyikirwa
4. Umwanzuro
5. Inyandiko zifashishijwe.

6. Indirimbo

**VI.3.a Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi**

- a. Intore :** umuntu watojwe kandi wimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda;
- b. Intore y'Indashyikirwa:** Intore yatoranyijwe mu zindi kubera ibigwi izirusha.
- c. icyumba cy'indashyikirwa:** icyumba cyagenewe gushyirwamo amafoto, amajwi, inyandiko bigaragaza ibigwi by'Intore z'indashyikirwa.
- d. Umurinzi w'indangagaciro:** Intore irobanurwa mu zindi hashingiwe ku muco w'Ubutore uyiranga, ubunararibonye cyangwa ibikorwa by'indashyikirwa yagezeho; igashingwa kurinda indangagaciro z'umuco nyarwanda.
- e. Indangagaciro:** Indangagaciro ni imyumvire, imitekerereze, imyifatire n'imigirire iranga abenegihugu runaka bemera kandi barata bibahesha agaciro, bifuza ko byahora bibaranga bikanabitirirwa uko ibihe biha ibindi, bityo bikaba amahame y'uburere atozwa abana b'umuryango runaka.
- f. Kirazira:** imyitwarire iyo ariyo yose inyuranyije n'indangagaciro n'amahame shingiro abantu bagenderaho kugira ngo babane neza kandi bafatanye kubaka Igihugu. Ikintu cyaciwe n'umuco w'Igihugu kandi gishobora kugirira ingaruka mbi umuntu ukirenzeho. Kirazira itunga agatoki ingeso mbi ikabwira buri wese ko agomba kuzirinda.
- g. Umuvuzi w'amacumu:** Umutoza w'Intore ushinze guhamya ibigwi byagezweho n'Intore mu gushyira mu bikorwa imihigo; mu gitaramo cy'Intore.

- h. Intore mu muryango:** Gahunda igamije kwimakaza umuco w'ubutore mu muryango wo shingiro ry'ubutore mu gihugu
- i. Ukwezi kw'indangagaciro:** Ukwezi Intore zivuga ibigwi by'umwaka urangiye zimurika imihigo y'umwaka ukurikiyeho mu kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore mu Banyarwanda hagatoranywa indashyikirwa zikanamurikirwa inzego zizikuriye.
- j. Umuco w'Ubutore:** Ni umurage twasigiye na ba sogokuruza ugenda urandaranda uko ibihe biha ibindi urangwa no kugira imyumvire, imyifatire, imyitwarire n'imikorere byimakaza indangagaciro z'Ubunyarwanda, gukunda Igihugu, Ubunyangamugayo, Ubutwari, Ubwitange, Gukunda umurimo no kuwunoza no kwihesha agaciro.
- k. Igitaramo cy'Intore:** Umuhango Inteko y'Intore ikorera mu ruhamo aho abavuzi b'amacumu b'urwo rwego bamurika ibigwi n'imihigo byabo bigakorerwa imbere y'umutoza mukuru w'urwo rwego.

### **VI.3.b Ahateganywa icyumba cy'Indashyikirwa**

Icyumba cy'indashyikirwa kiba ahahakurikira:

- a. Kuri buri Kagari;
- b. Kuri buri Murenge;
- c. Kuri buri Karere;
- d. Kuri buri rwego rw'imirimo;
- e. Kuri buri kigo cy'ishuri,
- f. Muri buri Ambasade;
- g. Ku rwego rw'Igihugu kiba muri NIC

**1.1.1 VI.3.c Ibyangombwa mu cyumba cy'Indashyikirwa:**

- a. Amafoto, amajwi, inyandiko bigaragaza ibigwi by'Intore z'indashyikirwa;
- b. Documentary films z'ibigwi by'Intore;
- c. Ibitabo by'amateka y'u Rwanda;
- d. Indangurura majwi;
- e. Projector/ Big screen;
- f. Ikarita y'u Rwanda;
- g. Mudasobwa;
- h. Internet connection;
- i. Igitabo cy'abashyitsi;
- j. Intebe n'ameza;
- k. Ubushobozi bwo kwicaza nibura abantu 10.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorerero iteganya amabwiriza yihariye y'imiterere n'imitunganyirize y'icyumba cy'indashyikirwa.

**Umwanzuro**

U Rwanda rwubatswe n'abanyarwanda babikesha indangagaciro z'umuco nyarwanda, aho izo ndangagaciro zitakarijwe, u Rwanda rugwirwa n'amahano ya jenocide yakorewe abatutsi muri 1994.

Kwimakaza umuco w'ubutore, imyumvire, imyifatire, imyitwarire n'imikorere bya gitore bizatuma abaturage bagira ishyaka ryo kuba indashyikirwa mu byo bakora.

**Inyandiko zifashishijwe**

4. Amabwiriza ya Perezida wa NIC N° 01/2013 yo ku wa 12/11/2013 Agenga Imikorere y'Intore n'uruhare rwazo muri gahunda yo guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere ;
5. Indangagaciro z' Umuco nyarwanda mu Iterambere, Ukuboza, 2011;
6. Itegeko N° 41/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

**Indirimbo:**

7. Rwanda Nziza/Indirimbo y'Igihugu;
8. Imihigo Irakomeje; Ndagijimana Juvenali
9. Indatwa mu mihigo; Army Jazz Band
10. Rwanda rwacu; Muyango
11. Muraho Neza; Jules Sentore
12. Izihirwe Rwanda; Itorero ry'Igihugu
13. Intore ntiganya ishaka ibisubizo; Eric Senderi
14. Ndavuga u Rwanda; JB Star
15. Ndate Rwanda nziza ; RDF- Army Jazz Band
16. Umugabo nyawe; RDF – Military Band
17. Irerero ry'u Rwanda; Shyaka Eric
18. Uzaze urebe; Intore Masamba
19. Genda Rwanda uri nziza; Soso Mado

Amajwi n'amashusho:

- Video, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame mu Nteko Ishinga Amategeko atangiza Itorero ry'Igihugu, 16/11/2007;
- Video, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame mu muhango wo gusoza Itorero y'IMBANGUKIRAGUTABARA, Stade Amahoro kuwa 03/08/2009;
- Documentary films z'ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu;
- Amafoto y'Intwari z'Igihugu.